| 6° igihe icyaha cyakozwe n'uwo uwagikorewe akomokaho cyangwa undi wese bafitanye isano kugeza ku gisanira cya karindwi; | 6° the offence is committed by an ascendant of the victim or any other relative up to the seventh degree of kinship; | 6° l'infraction est commise par un ascendant de la victime ou tout autre personne ayant avec la victime un lien de parenté jusqu'au septième degré; |
| 7° icyaha cyakozwe n'umuntu uyobora uwagikorewe; | 7° the offence is committed by a person having authority over the victim; | 7° l'infraction est commise par une personne qui a autorité sur la victime; |
| 8° icyaha cyakozwe n'umukozi wo mu rugo rw'uwo yagikoreyeho; | 8° the offence is committed by a domestic servant of the victim; | 8° l'infraction est commise par un employé domestique de la victime; |
| 9° icyaha cyakozwe n'ukora imirimo rusange igenewe abaturage cyangwa ababwirizabutumwa n'abihaye Imana. | 9° the offence is committed by a public servant or a religious leader. | 9° l'infraction est commise par un fonctionnaire public ou un ministre du culte. |

Icyiciro cya 5: Ingingo rusange

Ingingo ya 215: Kutamenyekanisha ibyaha binyuranyije n'imyifatire myiza byakorewe umwana

Umuntu wese umenya ko ibyaha bivugwa muri uyu mutwe byakorewe umwana ntabimenyeshe inzego z'ubuyobozi cyangwa iz'umutekano, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atatu (3) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza ku bihumbi magana atatu (300.000).

Ingingo ya 216: Kwanga gutabara uwahohotewe cyangwa kwanga gutanga ubuhamya ku ihohoterwa

Umuntu wese wanga gutabara cyangwa gutabariza uwakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina, uwanze gutanga ubuhamya ku ihohoterwa ryakozwe, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atatu (3) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza ku bihumbi magana atatu (300.000).

Section 5: Common provisions

Article 215: Refusal to report offences of immorality committed against a child

Any person who becomes aware that the offences under this chapter were committed against a child and does not report them to authorities or security organs shall be liable to a term of imprisonment of at least three (3) months but less than six (6) months and a fine of one hundred thousand (100,000) to three hundred thousand (300,000) Rwandan francs.

Article 216: Refusal to assist a victim of violence or to testify on violence

Any person who refuses to assist or seek assistance for the victim of gender-based violence or to testify on violence shall be liable to a term of imprisonment of at least three (3) months but less than six (6) months and a fine of one hundred thousand (100,000) to three hundred thousand (300,000) Rwandan francs.

Section 5: Dispositions communes

Article 215: Refus de dénonciation des infractions d'attentat aux bonnes mœurs commises sur un enfant

Toute personne qui prend connaissance du fait que les infractions visées au présent chapitre ont été commises sur un enfant et qui ne les dénonce pas aux autorités ou aux organes de sécurité est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cent mille (100.000) à trois cent mille (300.000) francs rwandais.

Article 216: Non assistance à la victime de la violence ou refus de témoigner sur la violence

Toute personne qui refuse de porter secours ou de solliciter l'assistance pour la victime de la violence basée sur le genre ou refuse de témoigner sur la violence est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cent mille (100.000) à trois cent mille (300.000) francs rwandais.

UMUTWE WA VII: IBYAHA BIKORERWA UMURYANGO

Icyiciro cya mbere: Ibyaha bikorerwa abana n'abantu badashoboye kwirwanaho

Ingingo ya 217: Igisobanuro cy'umwana

Muri iri tegeko ngenga, umwana ni umuntu wese utarageza ku myaka cumi n'umunani (18) y'amavuko uretse mu gihe andi mategeko abiteganyanya ukundi.

Ingingo ya 218: Kubabaza umwana bikabije, kumujubya cyangwa kumuha ibihano biremereye

Umuntu wese ubabaza umwana bikabije, umujubya cyangwa umuha ibihano biremereye cyangwa se bitesha agaciro, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza ku bihumbi magana atatu (300.000).

Iyo kimwe mu byaha bivugwa mu gika kibanziriza iki kiviriyemo umwana ubumuga, igihano kiba igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda

CHAPTER VII: OFFENCES AGAINST THE FAMILY

Section One: Offences against children and persons unable to protect themselves

Article 217: Definition of the child

For the purposes of this Organic Law, a child means every human being aged under eighteen (18) years unless otherwise provided by other laws.

Article 218: Inflicting severe suffering on a child, harassing or imposing severe punishments on him/her

Any person who inflicts severe suffering on a child, harasses or imposes severe or degrading punishments on him/her shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of one hundred thousand (100,000) to three hundred thousand (300,000) Rwandan francs.

If one of the offences under Paragraph One of this Article results in the child's disability, the penalty shall be a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years and a fine of five hundred thousand

CHAPITRE VII: INFRACTIONS CONTRE LA FAMILLE

Section première: Infractions contre les enfants et les personnes incapables de se protéger elles-mêmes

Article 217: Définition de l'enfant

Aux fins de la présente loi organique, un enfant s'entend de tout être humain âgé de moins de dix-huit (18) ans à moins que d'autres lois n'en disposent autrement.

Article 218: Causer une souffrance grave à un enfant, le harceler ou lui infliger des sanctions sévères

Toute personne qui cause une souffrance grave à un enfant, le harcèle ou lui inflige des sanctions sévères ou dégradantes est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de cent mille (100.000) à trois cent mille (300.000) francs rwandais.

Si l'une des infractions visées à l'alinéa premier du présent article entraîne une incapacité chez l'enfant la peine est portée à un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d'une amende de cinq cent

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000). (500,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs. mille (500.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais.

Iyo icyo cyaha kimuviriyemo urupfu, igihano kiba igifungo cya burundu. If the offence results in the death of the child, the penalty shall be life imprisonment. Lorsque l'infraction entraîne la mort de l'enfant, la peine est portée à l'emprisonnement à perpétuité.

Ingingo ya 219: Guha umwana inzoga cyangwa itabi

Article 219: Offering alcoholic beverages or tobacco to a child

Article 219: Offrir des boissons alcoolisées ou du tabac à un enfant

Umuntu wese uha cyangwa ugurisha umwana inzoga cyangwa itabi, cyangwa umukoresha mu icuruzwa ryabyo, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atatu (3) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atatu (300.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Any person who offers or sells alcoholic beverages or tobacco to a child or involves him/her in the sale of such products shall be liable to a term of imprisonment of at least three (3) months but less than six (6) months and a fine of three hundred thousand (300,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Toute personne qui donne ou vend des boissons alcoolisées ou du tabac à un enfant ou l'emploi dans le commerce de ces produits est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de trois cent mille (300.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Ni nabyo bihano bihabwa ushishikariza umwana kunywa inzoga cyangwa itabi cyangwa kujya mu tubari.

These penalties shall also apply to any person who encourages a child to drink alcoholic beverages or to smoke or to go to bars.

Les mêmes peines s'appliquent également à quiconque encourage un enfant à consommer des boissons alcoolisées, à fumer ou à fréquenter les bars.

Ingingo ya 220: Gushora umwana mu bucuruzi bw'ibiyobyabwenge, ubw'intwaro cyangwa ubw'ibindi bicuruzwa bitemewe n'amategeko

Article 220: Engaging a child in narcotic drugs and arms trafficking or in the trade of other illegal products

Article 220: Entraîner un enfant dans le trafic des stupéfiants, d'armes ou dans le commerce d'autres produits illicites

Umuntu wese ushora umwana mu bucuruzi bw'ibiyobyabwenge, ubw'intwaro cyangwa

Any person who engages a child in narcotic drugs and arms trafficking or in the trade of

Toute personne qui entraîne un enfant dans le trafic des stupéfiants, d'armes ou dans le

ubw'ibindi bicuruzwa bitemewe n'amategeko, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

Ingingo ya 221: Gushakira inyungu mu gushora umwana mu bikorwa by'intambara

Umuntu wese ushakira inyungu mu gushora umwana mu bikorwa by'intambara, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshanu (5.000.000) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000).

Iyo ibikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikozwe mu rwego rw'ishyirahamwe ry'abagizi ba nabi babigize umwuga w'ibanze cyangwa w'ingoboka, kabone n'iyu uwabikoze atari mu buyobozi bwaryo, igihano kiba igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni icumi (10.000.000) kugeza kuri miliyoni makumyabiri (20.000.000).

Igihe umwana yashowe mu ntambara hagati

other illegal products shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years and a fine of one million (1,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs.

Article 221: Exploiting a child by involving him/her in armed conflicts

Any person who exploits a child by involving him/her in armed conflicts shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years and a fine of five million (5,000,000) to ten million (10,000,000) Rwandan francs.

If the acts provided under Paragraph One of this Article are committed within the framework of a criminal organization whose members are engaged as their principal or subsidiary occupation even if the offender is not among the leaders of such an organization, the penalty shall be a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years and a fine of ten million (10,000,000) to twenty million (20,000,000) Rwandan francs.

In case the child is involved in transnational

commerce d'autres produits illicites est passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à cinq millions de francs rwandais (5.000.000).

Article 221: Exploitation d'un enfant en l'impliquant dans des conflits armés

Toute personne qui exploite un enfant en l'impliquant dans des conflits armés est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d'une amende de cinq millions (5.000.000) à dix millions (10.000.000) de francs rwandais.

Si les actes visés à l'alinéa premier du présent article sont commis dans le cadre d'une association de malfaiteurs qui en font partie en tant que leur profession principale ou accessoire même si l'auteur n'est pas parmi les chefs de ladite association, la peine est portée à un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans et d'une amende de dix millions (10.000.000) à vingt millions (20.000.000) de francs rwandais.

Si l'enfant est impliqué dans des conflits

y'andi mahanga, igihano kiba igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni makumyabiri (20.000.000) kugeza kuri miliyoni mirongo itatu (30.000.000).

Ingingo ya 222: Gushakira inyungu mu gushora umwana mu bikorwa bya siporo bibangamira ubuzima bwe

Umuntu wese ushakira inyungu mu gushora umwana mu bikorwa bya siporo bibangamira ubuzima bwe, ahanishwa igifungo kuva ku myaka itatu (3) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000).

Iyo ibikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikozwe mu rwego rw'ishyirahamwe ry'abagizi ba nabi babigize umwuga w'ibanze cyangwa w'ingoboka, kabone n'iyu uwabikoze atari mu buyobozi bwaryo, igihano kiba igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni icumi (10.000.000) kugeza kuri miliyoni makumyabiri (20.000.000).

armed conflicts, the penalty shall be a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years and a fine of twenty million (20,000,000) to thirty million (30,000,000) Rwandan francs.

Article 222: Exploiting a child by involving him/her in sport activities harmful to his/her health

Any person who exploits a child by involving him/her in sport activities that are harmful to his/ her health shall be liable to a term of imprisonment of three (3) years to five (5) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs.

When the acts under Paragraph One of this Article are committed within the framework of a criminal organization whose members are engaged therein as their principal or subsidiary occupation even if the offender is not among the leaders of such an organization, the penalty shall be a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years and a fine of ten million (10,000,000) to twenty million (20,000,000) Rwandan francs.

armés transnationaux, la peine est portée à un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans et d'une amende de vingt millions (20.000.000) à trente millions (30.000.000) de francs rwandais.

Article 222: Exploitation d'un enfant en l'impliquant dans des activités sportives nuisibles à sa santé

Toute personne qui exploite un enfant en l'impliquant dans des activités sportives nuisibles à sa santé est passible d'un emprisonnement de trois (3) ans à cinq (5) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais.

Lorsque les actes visés à l'alinéa premier du présent article sont commis dans le cadre d'une association de malfaiteurs qui en font partie en tant que leur profession principale ou accessoire même si l'auteur n'est pas parmi les chefs de ladite association, la peine est portée à un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d'une amende de dix millions (10.000.000) à vingt millions (20.000.000) de francs rwandais.

Ingingo ya 223: Kwanga gutanga umwana

Umuntu wese udatanga cyangwa udashyikiriza umwana, igihe amusabwe n'ubifitiye uburenganzira bwemewe n'amategeko, ahanishwa igifungo kuva ku mezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 224: Kwambura ku maherere umwana ababyeyi be cyangwa abo yarindishijwe cyangwa abo asanzwe abana nabo

Umuntu wambura ku maherere umwana ababyeyi be cyangwa abo yarindishijwe cyangwa abo asanzwe abana na bo, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi mirongo itanu (50.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000).

Iyo kwambura umwana umubyeyi bikoze n'umwe mu bamubyaye, ubikoze ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000)

Article 223: Refusal to surrender a child

Any person who refuses to deliver or surrender a child to the legally responsible person who claims him/her shall be liable to a term of imprisonment of at least two (2) months but less than six (6) months and a fine of two hundred thousand (200,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 224: Abduction of a child from his/her parents or guardians or where he/she habitually resides

A person who abducts a child from his/her parents or guardians or where he/she habitually resides shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to three (3) years and a fine of fifty thousand (50,000) to five hundred thousand (500,000) Rwandan francs.

If the abduction of a child from his/her parents is committed by either parent, the offender shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years and a fine of one hundred thousand

Article 223: Refus de remettre un enfant

Toute personne qui refuse de donner ou de remettre un enfant à la personne légalement habilitée qui le réclame est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de deux cent mille (200.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 224: Enlèvement d'un enfant des mains de ses parents ou de ceux qui en ont la garde ou de ceux avec qui il vit habituellement

Une personne qui enlève un enfant des mains de ses parents ou de ceux qui en ont la garde ou de ceux avec qui il vit habituellement est punissable d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans et d'une amende de cinquante mille (50.000) à cinq cent mille (500.000) francs rwandais.

Lorsque l'acte d'enlèvement d'un enfant des mains de l'un de ses parents est commis par l'autre parent, l'auteur est passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans et d'une amende de cent mille (100.000)

kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000).

(100,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs.

à un million (1.000.000) de francs rwandais.

Ingingo ya 225: Kugira uruhare mu itangwa ry'ububyeyi k'utabyaye umwana hagamijwe kumugurisha

Umuntu wese ugira uruhare mu itangwa ry'ububyeyi k'utabyaye umwana hagamijwe kumucuruza, ahanishwa igifungo kuva ku myaka itatu (3) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshanu (5.000.000) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000).

Article 225: Participating in the adoption of a child for the purpose of trafficking

Any person who participates in the adoption of a child for the purpose of trafficking shall be liable to a term of imprisonment of three (3) years to five (5) years and a fine of five million (5,000,000) to ten million (10,000,000) Rwandan francs.

Article 225: Jouer un rôle dans l'adoption d'un enfant à des fins de trafic

Toute personne qui joue un rôle dans l'adoption d'un enfant à des fins de trafic est passible d'un emprisonnement de trois (3) ans à cinq (5) ans et d'une amende de cinq millions (5.000.000) à dix millions (10.000.000) de francs rwandais.

Igihe ukoze icyaha kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo abikoreye umwana utarageza ku myaka cumi n'ine (14) y'amavuko, ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni icumi (10.000.000) kugeza kuri miliyoni makumyabiri (20.000.000).

If the offence under paragraph one of this Article is committed against a child under fourteen (14) years, the offender shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years and a fine of ten million (10,000,000) to twenty million (20,000,000) Rwandan francs.

Lorsque l'infraction visée à l'alinéa premier du présent article est commise sur la personne d'un enfant de moins de quatorze (14) ans, l'auteur est passible d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans et d'une amende de dix millions (10.000.000) à vingt millions (20.000.000) de francs rwandais.

Igihe ukoze icyaha kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo abikoreye umwana ufite imyaka iri hagati ya cumi n'ine (14) na cumi n'itandatu (16) y'amavuko, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni makumyabiri

If a person commits the offence under paragraph one of this Article against a child between the age of fourteen (14) and sixteen (16) years, he/she shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years and a fine of twenty million (20,000,000) to thirty million (30,000,000)

Lorsque l'infraction visée à l'alinéa premier du présent article est commise sur la personne d'un enfant âgé entre quatorze (14) et seize (16) ans, l'auteur est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d'une amende de vingt millions (20.000.000) à trente millions

(20.000.000) kugeza kuri miliyoni mirongo itatu (30.000.000). Rwandan francs.

(30.000.000) de francs rwandais.

Iyo icyo cyaha gikorewe umwana ukuwe mu kigo kirerwamo impfubyi, uwakoze icyaha ahanishwa igihano ntarengwa giteganyijwe muri iyi ngingo.

If the abducted child is from an orphanage, the offender shall be liable to the maximum penalty under this Article.

Si l'enfant victime est enlevé d'un orphelinat, le coupable est passible de la peine maximale prévue au présent article.

Ingingo ya 226: Kwanga kwita ku mwana cyangwa umuntu ushinzwe udashoboye kwirwanaho

Article 226: Refusal to provide care to a child or unable dependant

Article 226: Refus de subvenir aux besoins d'un enfant ou d'une personne à charge incapable de se protéger elle-même

Umuntu wese ufite ububasha ahabwa n'amategeko ku mwana akanga kumuvuza, ahanishwa igifungo kuva ku mezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi mirongo itanu (50.000) kugeza ku bihumbi magana atatu (300.000).

Any person with legal responsibility of a child who refuses him/her medical treatment shall be liable to a term of imprisonment of at least two (2) months but less than six (6) months and a fine of fifty thousand (50,000) to three hundred thousand (300,000) Rwandan francs.

Toute personne ayant autorité légale sur un enfant et qui refuse de le faire soigner est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cinquante mille (50.000) à trois cent mille (300.000) francs rwandais.

Ibihano bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ni byo bihanishwa umuntu wese ubishaka wima ibiribwa cyangwa utita ku mwana ashinzwe kurera cyangwa umuntu ashinzwe udashoboye kwirwanaho kubera imiterere ye mu mubiri cyangwa mu bwenge.

Penalties under Paragraph One of this Article shall apply to any person who fails to protect or willfully deprives a child or a dependent of care or food due to the physical or mental state of the dependent for whom is responsible.

Les peines prévues à l'alinéa premier du présent article s'appliquent également à toute personne qui prive volontairement de la nourriture ou des soins à un enfant, à une personne à sa charge incapable de se protéger elle-même à raison de son état physique ou mental.

Ingingo ya 227: Kwirengagiza inshingano z'umubyeyi cyangwa umwishingizi nta mpamvu

Umubyeyi cyangwa umwishingizi wirengagiza kubahiriza imwe mu nshingano ze nta mpamvu yumvikana ku buryo bizahaza ubuzima, umutekano, imibereho y'umwana we cyangwa uwo ashinzwe kurera ukiri muto, ureka umwana cyangwa uwo ashinzwe kurera akishora mu buzererezi, ahanishwa igifungo kuva ku mezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Umubyeyi cyangwa umwishingizi wangiza uburere bw'umwana we cyangwa uwo ashinzwe kurera kubera kumufata nabi, gutanga ingero mbi z'ubusinzi bw'akamenyero cyangwa kwitwara nabi, ahanishwa ibihano bivugwa mu gikacya mbere cy'iyi ngingo.

Ingingo ya 228: Kutita ku mwana hashingiwe ku gitsina

Umuntu wese utita ku mwana yabyaye kubera ko ari umuhungu cyangwa umukobwa, akamutoteza cyangwa agatoteza

Article 227: Child neglect by a parent or guardian without reasonable cause

A parent or a guardian who neglects a child without reasonable cause to the extent that the health, security and the living conditions are seriously jeopardized or a child under care indulges in vagrancy shall be liable to a term of imprisonment of at least two (2) months but less than six (6) months and a fine of one hundred thousand (100,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

A parent or a guardian who jeopardizes the education of his/her child or that of a child under his/her guardianship through ill-treatment, parental drunkenness or misconduct shall be liable to the penalty provided under Paragraph One of this Article.

Article 228: Neglect of a child on the basis of sex

Any person who neglects a biological child because the child is a boy or a girl, harasses him/her or a person with whom he/she had

Article 227: Soustraction aux obligations parentales ou de tuteur sans motif raisonnable

Un parent ou un tuteur qui se soustrait sans motif raisonnable à l'une de ses obligations au point de compromettre gravement la santé, la sécurité, les conditions de vie de son enfant mineur ou d'un enfant mineur dont il a la tutelle ou laisse son enfant ou l'enfant dont il est tuteur s'adonner au vagabondage est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cent mille (100.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Un parent ou un tuteur qui compromet l'éducation de son enfant ou celle d'un enfant dont il a la tutelle par de mauvais traitements, par des exemples pernicieux d'ivrognerie permanente ou d'inconduite est passible des peines prévues à l'alinéa premier du présent article.

Article 228: Délaissement d'un enfant à raison de son sexe

Toute personne qui délaisse son enfant biologique par le fait qu'il est garçon ou fille, le harcèle ou harcèle celui avec qui il a eu cet

uwo bamubyaranye, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atatu (3) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga kuva ku bihumbi magana atatu (300.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000).

Umuntu wese utita ku mwana ashinzwe kurera ashingiye ku gitsina, ahanishwa ibihano bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

Ingingo ya 229: Gufata no gukwirakwiza ishusho cyangwa amajwi by'umwana byerekeranye n'imikoreshereze y'ibitsina

Umuntu wese ufata ishusho cyangwa amajwi by'umwana cyangwa ubikwirakwiza akoresheje uburyo ubwo ari bwo bwose, iyo byerekeranye n'imikoreshereze y'ibitsina, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshanu (5.000.000) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000).

Ingingo ya 230: Kwamamaza amashusho yerekeranye n'imikoreshereze y'ibitsina bikorewe ku bana

Umuntu wese umurika, ugurisha, ukodesha, ukwirakwiza cyangwa utanga amashusho, ibikoresho, amafirimu, amafoto,

such a child shall be liable to a term of imprisonment of at least three (3) months but less than six (6) months and a fine of three hundred thousand (300,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs.

Any guardian of the child who neglects a child on the basis of sex shall be liable to penalties provided under Paragraph One of this Article.

Article 229: Recording and disseminating a child's pornographic picture or voice

Any person who records a picture or the voice of a child or disseminates it in any way for pornographic purposes shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years and a fine of five million (5,000,000) to ten million (10,000,000) Rwandan francs.

Article 230: Advertising of children pornographic pictures

Any person who displays, sells, rents, disseminates or distributes pornographic pictures, objects, movies, photos, slides and

enfant est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de trois cent mille (300.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais.

Toute personne qui délaisse un enfant dont elle a la garde à raison du sexe de ce dernier est passible des peines prévues à l'alinéa premier du présent article.

Article 229: Enregistrement et diffusion de l'image ou de la voix d'un enfant à des fins pornographiques

Toute personne qui enregistre l'image ou la voix d'un enfant et la diffuse de quelque manière que ce soit à des fins pornographiques est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d'une amende de cinq millions (5.000.000) à dix millions (10.000.000) de francs rwandais.

Article 230: Publicité des images à caractère pornographique mettant en scène les enfants

Toute personne qui expose, vend, loue, distribue ou donne des images, des objets, des films, des photos, des diapositifs et

amadiyapozitifu n'ibindi byerekanirwaho ibintu byerekeranye n'imikoreshereze y'ibitsina bikorewe ku bana, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshanu (5.000.000) kugeza kuri miliyoni makumyabiri (20.000.000).

Ingingo ya 231: Guta umwana cyangwa kumutererana

Umubyeyi cyangwa umwishingizi uta umwana ahantu hagaragara cyangwa ubikoresha undi, umutererana cyangwa ubikoresha undi, akaza kuboneka, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi makumyabiri (20.000) kugeza ku bihumbi ijana (100.000).

Umubyeyi cyangwa umwishingizi uta umwana ahantu hihishe, akaza kuboneka, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7), n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi mirongo itanu (50.000) kugeza ku bihumbi magana abiri (200.000).

other pornographic materials involving children shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years and a fine of five million (5,000,000) to twenty million (20,000,000) Rwandan francs.

Article 231: Abandonment or neglect of a child

A parent or a guardian who abandons or causes to be abandoned, neglects or causes to be neglected a child in an open place and is found shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years and a fine of twenty thousand (20,000) to one hundred thousand (100,000) Rwandan francs.

A parent or a guardian who abandons a child in a solitary place and is found shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years and a fine of fifty thousand (50,000) to two hundred thousand (200,000) Rwandan francs.

d'autres supports pornographiques mettant en scène les enfants est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d'une amende de cinq millions (5.000.000) à vingt millions (20.000.000) de francs rwandais.

Article 231: Abandon ou délaissement d'un enfant

Un parent ou un tuteur qui abandonne ou fait abandonner, délaisse ou fait délaisser, en plein air, un enfant qui, par la suite, est retrouvé est passible d'un emprisonnement de deux (2) à cinq (5) ans et d'une amende de vingt mille (20.000) à cent mille (100.000) francs rwandais.

Un parent ou un tuteur qui abandonne en un lieu solitaire un enfant qui, par la suite, est retrouvé est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d'une amende de cinquante mille (50.000) à deux cent mille (200.000) francs rwandais.

Ingingo ya 232: Gutererana umwana cyangwa kumuta bikamutera ubumuga, urupfu cyangwa kuzimira burundu

Iyo gutererana umwana cyangwa kumuta byamuteye ubumuga budakira, uwakoze icyo cyaha ahanishwa igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10).

Iyo gutererana umwana cyangwa kumuta byamuviriyemo urupfu cyangwa kuzimira burundu, igihano kiba igifungo cya burundu.

Ingingo ya 233: Gushishikariza ababyeyi guta umwana

Umuntu wese:

- 1° ushishikariza ababyeyi cyangwa umwe muri bo guta umwana wabo wavutse cyangwa uzavuka;
- 2° wemeranyijwe n'ababyeyi b'umwana uzavuka cyangwa umwe muri bo kuzamuta;

iyi ibyo yoheje cyangwa yemeranyijwe n'ababyeyi byashyizwe mu bikorwa, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000) cyangwa kimwe

Article 232: Neglect or abandonment of a child causing disability, death or disappearance

If the neglect or abandonment of a child results in permanent disability, the offender shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years.

If the neglect or abandonment of the child results in the child's death or disappearance, the penalty shall be life imprisonment.

Article 233: Inciting parents to abandon a child

Any person who:

- 1° incites one or both parents to abandon a child, whether born or to be born;
- 2° agrees with one or both expecting parents to abandon their child to be born;

if the objective of inciting or agreeing with parents to abandon the child is achieved, he/she shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 232: Délaissement ou abandon d'un enfant entraînant son incapacité, sa mort ou sa disparition

Si le délaissement ou l'abandon de l'enfant a occasionné son incapacité permanente, l'auteur est passible d'un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans.

Si le délaissement ou l'abandon de l'enfant a entraîné sa mort ou sa disparition la peine est portée à un emprisonnement à perpétuité.

Article 233: Incitation des parents à abandonner un enfant

Toute personne qui:

- 1° incite les parents ou l'un d'eux, à abandonner leur enfant né ou à naître;
- 2° s'entend avec les futurs parents ou l'un d'eux d'abandonner l'enfant à naître;

lorsque l'objectif d'inciter ou d'entente avec les parents a été atteint, elle est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement

gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 234: Guta cyangwa gutererana umuntu uashinzwe udashoboye kwirwanaho

Umuntu wese uta, cyangwa yabikoresheje undi, utererana cyangwa ubikoresha undi, ahantu hagaragara, umuntu ashinzwe udashoboye kwirwanaho kubera imiterere ku mubiri cyangwa mu bwenge, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi mirongo itanu (50.000) kugeza ku bihumbi magana abiri (200.000).

Umuntu wese uta cyangwa utererana, cyangwa ubikoresha undi, ahantu hatagaragara, umuntu ashinzwe udashobora kwirwanaho kubera imiterere ye mu mubiri cyangwa mu bwenge, igihano kiba igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi mirongo itanu (50.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000).

Article 234: Abandonment or neglect of an unable dependent

Any person who abandons or causes to be abandoned, neglects or causes to be neglected in an open place an unable dependent due to physical or mental state shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to five (5) years and a fine of fifty thousand (50.000) to two hundred thousand (200,000) Rwandan francs.

Any person who abandons or causes to be abandoned, neglects or causes to be neglected, in a solitary place, an unable dependent due to physical or mental state shall be liable to imprisonment for a term of seven (7) years to ten (10) years and a fine of fifty thousand (50,000) to five hundred thousand (500,000) Rwandan francs.

Article 234: Abandon ou délaissement d'une personne à charge incapable de se protéger elle-même

Toute personne qui abandonne ou fait abandonner, délaisse ou fait délaisser en plein air une personne à charge incapable de se protéger elle-même à raison de son état physique ou mental est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à cinq (5) ans et d'une amende de cinquante mille (50.000) à deux cent mille (200.000) francs rwandais.

Toute personne qui abandonne ou fait abandonner, délaisse ou fait délaisser, en un lieu solitaire, une personne à charge incapable de se protéger elle-même à raison de son état physique ou mental est passible d'un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans et d'une amende de cinquante mille (50.000) à cinq cent mille (500.000) francs rwandais.

Ingingo ya 235: Guta cyangwa gutererana umuntu udashoboye kwirwanaho bikamuviramo kurwara bikomeye cyangwa urupfu

Iyo guta cyangwa gutererana umuntu ushinzwe udashoboye kwirwanaho byatumye arwara bikomeye, atakaza umwe mu myanya y'umubiri cyangwa amugara, uwakoze icyo cyaha ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'ibiri (12).

Mu gihe ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo biviriyemo urupfu uwatereranywe, uwakoze icyo cyaha ahanishwa igifungo cya burundu.

Ingingo ya 236: Gutoteza umuntu ugeze mu za bukuru

Umuntu wese utoteza undi ugeze mu zabukuru agamije inyungu ze bwite cyangwa z'undi, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Article 235: Abandonment or neglect of an unable person causing serious illness or death

If the abandonment or neglect of an unable person has resulted in serious illness, loss of one of the parts of the body or disability, the offender shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to twelve (12) years.

If the acts under Paragraph One of this Article result in the death of the abandoned or neglected person, the offender shall be liable to life imprisonment.

Article 236: Harassment of an elderly person

Any person who harasses an elderly person for personal interests or those of others shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of two hundred thousand (200,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 235: Abandon ou délaissement d'une personne incapable de se protéger elle-même entraînant une maladie grave ou la mort

Si l'abandon ou le délaissement d'une personne à charge incapable de se protéger elle-même a entraîné une maladie grave, la perte d'une partie du corps ou l'incapacité, l'auteur est passible d'un emprisonnement de dix (10) ans à douze (12) ans.

Lorsque les actes visés à l'alinéa premier du présent article entraînent la mort de la personne abandonnée ou délaissée, l'auteur est passible d'un emprisonnement à perpétuité.

Article 236: Harcèlement d'une personne âgée

Toute personne qui harcèle une personne âgée pour ses intérêts personnels ou ceux d'autrui est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de deux cent mille (200.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Ingingo ya 237: Guha akato umuntu ufite indwara idakira

Umuntu wese uha akato umuntu ufite indwara idakira, ahanishwa igifungo kuva ku kwezi kumwe (1) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Icyiciro cya 2: Ibyaha bikorerwa abashyingiranywe n'icyaha cyo guta urugo

Ingingo ya 238: Kwanga gutanga ibitunga uwo bashyingiranywe, abamukomokaho cyangwa abo akomokaho

Umuntu wese waciriwe n'urukiko urubanza rwabaye ndakuka rwo gutanga ibitunga uwo bashyingiranywe, abamukomokaho cyangwa abo akomokaho, akamara igihe kirenze amezi abiri (2) abishaka adatanze ibyo yategetswe, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi mirongo itanu (50.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Article 237: Stigmatization against a person suffering from an incurable disease

Any person who stigmatizes a person suffering from an incurable disease shall be liable to a term of imprisonment of at least one (1) month but less than six (6) months and a fine of one hundred thousand (100,000) to five hundred thousand (500,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Section 2: Offences relating to marriage and family desertion

Article 238: Refusal to provide support to spouse, descendants or ascendants

Any person who has been convicted and ordered by a final court judgment to provide support to spouse, descendants or ascendants and intentionally exceeds a period of two (2) months without paying such alimony shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year and a fine of fifty thousand (50,000) to two million (2,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 237: Stigmatisation à l'égard d'une personne souffrant d'une maladie incurable

Toute personne qui stigmatise une personne souffrant d'une maladie incurable est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cent mille (100.000) à cinq cent mille (500.000) francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Section 2: Infractions entre époux et abandon de famille

Article 238: Refus de fournir une pension alimentaire à son conjoint, à ses descendants ou à ses ascendants

Toute personne qui, ayant été condamnée, par une décision judiciaire définitive, à fournir une pension alimentaire à son conjoint, à ses descendants ou à ses ascendants, et qui volontairement demeure plus de deux (2) mois sans s'en acquitter est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an et d'une amende de cinquante mille (50.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Ingingo ya 239: Kubuza ubwisanzure mu kuboneza urubyaro

Umuntu wese witwaza ubushyingirane, agahohotera uwo bashyingiranywe cyangwa akamuhoza ku nkeke kubera icyemezo yafashe ku birebana no kuboneza urubyaro, ahanishwa igifungo kuva ku mezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6).

Ingingo ya 240: Guhoza ku nkeke uwo bashyingiranywe

Umuntu wese ugaragaweho igikorwa cyo guhoza ku nkeke uwo bashyingiranywe nko kumutuka, kumukubita, kumukomeretsa, kumuvunisha, kumubuza uburenganzira ku mutungo n'ikindi gikorwa icyo ari cyo cyose kimubuza kubaho mu mudendezo, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atatu (3) ariko kitageze ku mezi atandatu (6).

Ingingo ya 241: Gukoresha umutungo w'urugo bidaturutse ku bwumvikane bw'uwo bashyingiranywe

Umuntu wese:

- 1° utanga, ugurisha, ugwatiriza cyangwa ukoresha umutungo w'urugo ku

Article 239: Denial of freedom to practice family planning

Any person who, on grounds of marriage, commits violence or harassment against his/her spouse because of the spouse's decision to practice family planning shall be liable to a term of imprisonment of at least two (2) months but less than six (6) months.

Article 240: Harassment of spouse

Any person convicted of harassment against a spouse like insults, assault and battery, refusal to assist in family responsibilities, denial of the right to property or any other act preventing him/her from leaving a peaceful life shall be liable to a term of imprisonment of at least three (3) months but less than six (6) months.

Article 241: Disposal of marital property without consent of either spouse

Any person who:

- 1° fraudulently donates, sells, mortgages or uses the marital property without

Article 239: Privation de la liberté de pratiquer la planification familiale

Toute personne qui, sous prétexte des liens de mariage, commet un acte de violence ou de harcèlement contre son conjoint pour cause de la décision de ce dernier de pratiquer la planification familiale, est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois.

Article 240: Harcèlement du conjoint

Toute personne reconnue coupable d'un acte de harcèlement à l'encontre de son conjoint, notamment par insultes, coups et blessures, non-assistance dans les responsabilités familiales, privation du droit de propriété ou par tout autre acte l'empêchant de mener une vie tranquille, est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) mois mais inférieur à six (6) mois.

Article 241: Aliénation du patrimoine conjugal sans le consentement de l'un des conjoints

Toute personne qui:

- 1° de manière frauduleuse, fait don du patrimoine conjugal, le vend,

- | | | |
|---|--|--|
| <p>buryo bw'uburiganya, atabyumvikanyeho n'uwo bashyingiranywe, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atatu (3) ariko kitageze ku mezi atandatu (6);</p> | <p>spousal consent shall be liable to a term of imprisonment of at least three (3) months but less than to six (6) months;</p> | <p>l'hypothèque ou l'exploite sans le consentement de son conjoint, est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) mois mais inférieur à six (6) mois;</p> |
| <p>2° wakira umutungo uvugwa mu gace ka mbere k'iyi ngingo, azi neza ko bidaturutse ku bushake bw'abashyingiranywe, ahanishwa igifungo kuva ku mezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano kandi agasubiza uwo mutungo cyangwa amafaranga ahwanye n'agaciro kawo;</p> | <p>2° acquires the property referred to under item 1° of this Article whilst being aware of the absence of mutual consent of the spouses, shall in addition to the restitution of the property acquired or the payment of cash equivalent be liable to a term of imprisonment of at least two (2) months but less than six (6) months and a fine of five hundred thousand (500,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs or one of these penalties;</p> | <p>2° acquiert le patrimoine visé au point 1° du présent article tout en étant conscient de l'absence de consentement mutuel des conjoints est, outre la restitution du patrimoine acquis ou le paiement de son équivalent en espèces, passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement;</p> |
| <p>3° ugira uruhare mu bivugwa mu gace ka mbere k'iyi ngingo, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.</p> | <p>3° participates in the acts referred to under item 1° of this Article shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year and a fine of one million (1,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.</p> | <p>3° participe dans les actes visés au point 1° du présent article, est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an et d'une amende d'un million (1.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.</p> |

Ingingo ya 242: Gukurikirana ibyaha bivugwa mu ngingo ya 239, iya 240 n'iya 241 z'iri Tegeko Ngenga

Ibyaha bivugwa mu ngingo ya 239, iya 240 n'iya 241 z'iri tegeko ngenga bikurikiranwa gusa iyo biregewe n'umwe mu bashyingiranywe.

Ingingo ya 243: Guta urugo

Umwe mu bashyingiranywe uta urugo rwe mu gihe kirenze ukwezi kumwe nta mpamvu zikomeye kandi akihunza ibyo ategetswe byose cyangwa bimwe, bishingiye ku bubasha bwa kibyezi cyangwa ku bwishingizi bw'uburere bwemewe n'itegeko, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atatu (3) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ni na byo bihano bihabwa umugabo utaye umugore we ku bushake, nta mpamvu ikomeye, mu gihe kirenze iminsi cumi n'itanu (15) azi ko atwite.

Ibihe bivugwa mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo birorera kubarwa iyo

Article 242: Prosecution of offences mentioned under Articles 239, 240 and 241 of this Organic Law

Offences referred to under Articles 239, 240 and 241 of this Organic Law shall be prosecuted only upon complaint of either spouse.

Article 243: Family desertion

A spouse who, without serious cause deserts his/ her family and abandons all or part of his/her obligations arising from parental responsibility or legal guardianship shall be liable to a term of imprisonment of at least three (3) months but less than six (6) months and a fine of two hundred thousand (200,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

The same penalties apply to a husband, who, without serious cause, willfully abandons his wife for a period exceeding fifteen (15) days knowing that she is pregnant.

The period referred to under paragraphs One and 2 of this Article ends by the return of the

Article 242: Poursuite des infractions prévues aux articles 239, 240 et 241 de la présente Loi Organique

Les infractions prévues aux articles 239, 240 et 241 de la présente loi organique sont poursuivies uniquement sur plainte de l'un des conjoints.

Article 243: Abandon de famille

Un conjoint qui, sans motifs graves, abandonne sa résidence familiale pendant plus d'un (1) mois et se soustrait à tout ou partie de ses obligations résultant de l'autorité parentale ou de la tutelle est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de deux cent mille (200.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Umuntu wese ukuraho urugingo cyangwa ikindi gikomoka ku mubiri ku muntu ufite uburwayi bwakwangiza umubiri w'uhabwa urugingo cyangwa urutanga, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Any person who removes a human body organ or other body products from a sick person with a disease which can affect the health of the donor or the recipient shall be liable for a term of imprisonment of one (1) year to three (3) years and a fine of one million (1,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Toute personne qui procède au prélèvement d'organe ou de tout autre produit du corps d'une personne atteinte d'une maladie de nature à affecter la santé du receveur ou du donneur est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Ingingo ya 270: Gukuraho urugingo rumwe rukumbi kandi rwa ngombwa

Article 270: Removal of a single and essential organ

Article 270: Prélèvement d'un organe unique et essentiel

Umuntu wese ukuraho urugingo rumwe rukumbi kandi rwa ngombwa kugira ngo umuntu akomeze kubaho kandi bidashoboka ko umubiri we wongera kwiremamo urwo rugingo bundi bushya n'iyi yaba ashaka kurufashisha undi muntu, ahanishwa

Any person who removes a single and essential body organ which is vital to the preservation of life which cannot regenerate even if he/she wants to transplant that organ into another person shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10)

Toute personne qui prélève du corps humain un organe unique et essentiel à la conservation de la vie et qui ne peut se régénérer, même si elle veut le transplanter sur une autre personne, est passible d'un

igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshanu (5.000.000) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000).

Iyo gukuraho urugingo rw'umubiri byateye uwarukwemo ubumuga buhoraho butuma ntacyo yimarira, uwabikoze ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'ibiri (12).

Iyo byateye urupfu, uwabikoze ahanishwa igifungo cya burundu.

Ingingo ya 271: Gukuraho urugingo cyangwa bimwe mu bigize umubiri by'umuntu umaze gupfa

Umuntu wese ukuraho urugingo cyangwa bimwe mu bigize umubiri w'umuntu umaze gupfa, mu gihe cyose yagaragaje ko atabyemeye akiri muzima cyangwa se igihe bibangamiye imenyekana ry'icyamwishe, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000).

years and a fine of five million (5,000,000) to ten million (10,000,000) Rwandan francs.

When the removal of a human body organ results in permanent loss of work of the donor, the person removing the organ shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to twelve (12) years.

When the removal of a human body organ results in death, the person removing that organ shall be liable to life imprisonment.

Article 271: Removal of an organ or some of the body products from a dead person

Any person who removes an human organ or some of the body products from a dead person without his/her consent during his/her lifetime or if that removal prevents the determination of cause of death shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to five (5) years and a fine of one million (1,000,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs.

emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans et d'une amende de cinq millions (5.000.000) à dix millions (10.000.000) de francs rwandais.

Si le prélèvement d'un organe du corps a entraîné l'incapacité de travail permanente du donneur d'organe, la personne qui l'a prélevé est passible d'un emprisonnement de dix (10) ans à douze (12) ans.

Si le prélèvement d'un organe du corps a entraîné la mort, la personne qui l'a prélevé est passible d'un emprisonnement à perpétuité.

Article 271: Prélèvement d'un organe du corps humain ou de certains produits du corps d'une personne morte

Toute personne qui prélève un organe du corps humain ou de certains des produits du corps sur une personne morte qui, de son vivant, n'avait pas consenti à cet acte ou si le prélèvement fait obstruction à l'identification de la cause de sa mort est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à cinq (5) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais.

Ingingo ya 272: Umuganga ukuraho ururingo rw'umuntu atabanje kugaragaza mu nyandiko zitangwa n'ababifitiye ububasha ko uwo muntu yapfuye koko

Umuganga wese ukuraho ururingo rw'umuntu atabanje kugaragaza mu nyandiko zitangwa n'ubifitiye ububasha ko uwo muntu yapfuye koko, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

UMUTWE WA IX: IBYAHA BIBANGAMIRA UBURENGANZIRA BWA MUNTU

Icyiciro cya mbere: Ibyaha bibangamira ukwishyira ukizana kwa muntu

Ingingo ya 273: Itwarwa n'ifungwa ry'umuntu bitemewe n'amategeko

Umuntu wese, ku bw'urugomo, akoresheje kiboko, ubushukanyi cyangwa ibikangisho, utwara cyangwa utuma batwara, ufata cyangwa ufatisha, ufunga cyangwa ufungisha umuntu uwo ari we wese, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2)

Article 272: A medical doctor who removes a body organ from a person without a death certificate issued by an authorized person

Any medical doctor who removes a human body organ without producing a prior death certificate issued by an authorized person shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to five (5) years and a fine of one million (1,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs.

CHAPTER IX: OFFENCES WHICH INFRINGE HUMAN RIGHTS

Section One: Offences which infringe human freedom

Article 273: Kidnapping and unlawful detention of a person

Any person who, by violence, deception or threats, kidnaps or causes to be kidnapped, arrests or causes to be arrested, detains or causes confinement of a person shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years.

Article 272: Un médecin qui prélève un organe sur une personne sans certificat de décès préalable délivré par des personnes habilitées

Tout médecin qui prélève un organe sur une personne sans le certificat de décès préalable délivré par une personne habilitée est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à cinq (5) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

CHAPTER IX: INFRACTIONS PORTANT ATTEINTE AUX DROITS DE LA PERSONNE

Section première: Infractions portant atteinte à la liberté individuelle

Article 273: Enlèvement et détention illégale d'une personne

Toute personne qui, par violence, ruse ou menace, enlève ou fait enlever, arrête ou fait arrêter, détient ou fait détenir une personne est passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans.

kugeza ku myaka itanu (5).

Iyo umuntu watwawe, wafashwe cyangwa wafunzwe atarageza ku myaka cumi n'umunani (18) y'amavuko, igihano ntarengwa giteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ni cyo gitangwa.

Iyo igifungo cyangwa ugufungirana byarengaje igihe cy'ukwezi kumwe (1), igihano cy'igifungo gishobora kugezwa ku myaka irindwi (7).

Umuntu wese utanga ahantu ho gufungira cyangwa ho gufungiranamo abantu, ahanishwa igihano kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5).

Ingingo ya 274: Gutwara cyangwa gufungirana umuntu hagamijwe kubana na we nk'umugabo n'umugore

Gutwara cyangwa gufungirana umuntu hagamijwe kubana nawe nk'umugabo n'umugore, bihanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi mirongo itanu (50.000) kugeza ku bihumbi magana abiri (200.000).

If the person kidnapped, arrested or detained is under eighteen (18) years, the maximum penalty provided under paragraph one of this Article shall be applied.

If the detention or the confinement exceeds one (1) month, the penalty may be seven (7) years.

Any person who provides a place for detention or confinement shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years.

Article 274: Kidnapping or confinement of a person with intent to live together as wife and husband

Kidnapping or confinement of a person with intent to live together as wife and husband shall be punishable by imprisonment of one (1) year to three (3) years and a fine of fifty thousand (50,000) to two hundred thousand (200,000) Rwandan francs.

Si la personne enlevée, arrêtée ou détenue est âgée de moins de dix huit (18) ans, le maximum de la peine prévue à l'alinéa premier du présent article est prononcé.

Si la détention ou la séquestration a duré plus d'un (1) mois, la peine d'emprisonnement peut être portée à sept (7) ans.

Toute personne qui fournit un lieu aux fins de la détention ou de la séquestration est passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans.

Article 274: Enlèvement ou séquestration d'une personne avec intention de vivre comme mari et femme

L'enlèvement ou la séquestration d'une personne avec intention de vivre comme mari et femme est punissable d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans et d'une amende de cinquante mille (50.000) à deux cent mille (200.000) francs rwandais.

Ingingo ya 275: Guhatira undi gushyingiranwa n’uwo adashaka cyangwa kumubuza gushyingiranwa n’uwo ashaka

Umuntu wese uhatira undi gushyingiranwa n’uwo adashaka cyangwa akamubuza gushyingiranywa n’uwo ashaka akoresheje uburyo ubwo ari bwo bwose ahanishwa igifungo kuva ku kwezi kumwe (1) kugeza ku mezi atanu (5) n’ihazabu y’amafaranga y’u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 276: Igihano ku cyaha cyo gusebya cyangwa gutoteza undi kubera ko ari umugore cyangwa umugabo hagamijwe kumutesha agaciro cyangwa kugatesha umurimo we

Umuntu wese usebya cyangwa utoteza undi kubera ko ari umugore cyangwa umugabo, hagamijwe kumutesha agaciro cyangwa kugatesha umurimo we, ahanishwa igifungo kuva ku mezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n’ihazabu y’amafaranga y’u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Article 275: Forcing a person to marry or not to marry a partner of his/her choice

Any person who forces a person to marry or not marry someone in any way shall be liable to a term of imprisonment of one (1) month to five (5) months and a fine of one hundred thousand (100,000) to five hundred thousand (500,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 276: Penalty for defamation and harassment of a person on the basis of sex with intent to humiliate him/her or his/her work

Any person who defames or harasses another person on the basis of sex with intent to humiliate him/her or his/her work shall be liable to a term of imprisonment of at least two (2) months but less than six (6) months and a fine of two hundred thousand (200,000) to five hundred thousand (500,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 275: Forcer une personne à se marier ou à ne pas se marier avec un partenaire de son choix

Toute personne qui, par quelque moyen que ce soit, force une personne à se marier avec un partenaire qu’elle ne désire pas ou à ne pas se marier avec un partenaire de son choix est passible d’un emprisonnement d’un (1) mois à cinq (5) mois et d’une amende de cent mille (100.000) à cinq cent mille (500,000) francs rwandais ou de l’une de ces peines seulement.

Article 276: Peine pour infraction de diffamation ou de harcèlement à l’égard d’autrui en raison de son sexe avec intention de le dénigrer ou de dénigrer son travail

Toute personne qui commet la diffamation ou le harcèlement à l’égard d’autrui en raison de son sexe avec intention de le dénigrer ou de dénigrer son travail est passible d’un emprisonnement d’au moins deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois et d’une amende de deux cent mille (200.000) à cinq cent mille (500.000) francs rwandais ou de l’une de ces peines seulement.

Icyiciro cya 2: Ibyaha bibangamira uburenganzira bw'iyobokamana

Ingingo ya 277: Kubangamira imigendekere myiza y'imihango y'idini

Umuntu wese:

1° ukoresha kiboko, ibitutsi cyangwa ibikangisho, agahatira cyangwa akabuza umuntu umwe cyangwa benshi gukurikiza imihango y'idini cyangwa guteranira mu mihango y'idini ryemewe n'amategeko;

2° utera impagarara cyangwa akajagari, ubuza, utinza cyangwa uhagarika imihango y'idini ikorewe mu ruhame mu buryo bwemewe n'amategeko;

ahanishwa igifungo kuva ku minsi umunani (8) kugeza ku mezi atatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi makumyabiri (20.000) kugeza ku bihumbi magana atatu (300.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 278: Gusuzugura mu ruhame imihango y'idini

Umuntu wese usuzugurira mu ruhame,

Section 2: Offences against freedom of worship

Article 277: Hindrance of freedom of worship

Any person who:

1° by violence, insults or threats forces one or many persons or prevent them from practicing religion or celebrating religious festival of a legally recognized religious denomination;

2° by trouble or disorder, prevents, delays or interrupts a religious worship conducted publicly in a legally recognized manner;

shall be liable to a term of imprisonment of eight (8) days to three (3) months and a fine of twenty thousand (20,000) to three hundred thousand (300,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 278: Publicly humiliating a religious worship

Any person who, by acts, speeches, gestures,

Section 2: Infractions d'atteinte à la liberté de culte

Article 277: Atteinte à la liberté de culte

Toute personne qui:

1° par violences, outrages ou menaces, contraint ou empêche une ou plusieurs personnes d'exercer un culte ou de célébrer les fêtes d'une confession religieuse légalement reconnue;

2° par des troubles ou des désordres, empêche, retarde ou interrompt l'exercice d'un culte qui se pratique publiquement de manière légalement reconnue;

est passible d'un emprisonnement de huit (8) jours à trois (3) mois et d'une amende de vingt mille (20.000) à trois cent mille (300.000) francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 278: Outrage public d'un culte religieux

imihango y'idini, ibimenyetso byaryo n'ibikoresho by'imihango yaryo akoresheje ibikorwa, amagambo, ibimenyetso, inyandiko, amarenga cyangwa ibikangisho abigiriye aho igenewe gukorerwa cyangwa isanzwe ikorerwa, ahanishwa igifungo kuva ku minsi cumi n'itanu (15) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi mironko itanu (50.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 279: Gutuka, gukubita cyangwa gukomeretsa uhagarariye idini

Umuntu wese utuka, akoresheje ibikorwa, amagambo, ibimenyetso cyangwa ibikangisho, uhagarariye idini, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2).

Iyo amukubitiye mu mirimo y'idini, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000).

Iyo gukubita byavushije amaraso, byateye ibikomere cyangwa indwara, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo kuva ku myaka

writing or threats, publicly humiliates rites, symbols or objects of religion either in place intended for or generally used for the practice of religion shall be liable to a term of imprisonment of at least fifteen (15) days but less than six (6) months and a fine of fifty thousand (50,000) to five hundred thousand (500,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 279: Insults, battery or injury upon a religious leader

Any person who, by acts, speeches, gestures or threats, humiliates a religious leader shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years.

If that religious leader is beaten in the exercise of his/her ministry, the offender will be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years and a fine of one hundred thousand (100,000) to five hundred thousand (500,000) Rwandan francs.

If the battery results in bleeding, bodily injuries or illness, the offender shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to

Toute personne qui, par des actes, paroles, gestes, écrits ou menaces, outrage publiquement les rites, les symboles ou les objets d'un culte religieux dans les lieux destinés ou servant habituellement à son exercice est passible d'un emprisonnement d'au moins quinze (15) jours mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cinquante mille (50.000) à cinq cent mille (500.000) francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 279: Insultes, coups ou blessures envers un ministre d'un culte

Toute personne qui, par des actes, paroles, gestes ou menaces, outrage un ministre d'un culte est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans.

Si elle le frappe dans l'exercice de son ministère, elle est passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans et d'une amende de cent mille (100.000) à cinq cent mille (500.000) francs rwandais.

Si les coups ont provoqué le saignement, les blessures ou une maladie, l'auteur est

ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000).

UMUTWE WA X: IBYAHA BIBANGAMIRA IMIBEREHO BWITE Y'ABANTU

Ingingo ya 280: Kwinjira aho umuntu atuye mu buryo butemewe

Umuntu wese, utabitegetswe kandi atari mu bihe itegeko ritanga uburenganzira bwo kwinjira mu ngo z'abaturage n'aho bene zo batabyemera, winjira mu ngo, mu nzu, mu cyumba cyangwa mu icumbi rituwemo n'undi muntu, ahanishwa igifungo kuva ku mezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Iyo akoresheje ibikangisho, aciye icyuho cyangwa afunguje imfunguzo zidakoreshejwe na nyira zo, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

five (5) years and a fine of one hundred thousand (100,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs.

CHAPTER X: OFFENCES AGAINST PRIVACY

Article 280: Violation of person's domicile

Any person who breaks into a household, a house, a room or an accommodation without lawful authority shall be liable to a term of imprisonment of at least two (2) months but less than six (6) months and a fine of one hundred thousand (100,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

If the person uses threats, housebreaking or fake keys, he/she shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year and a fine of five hundred thousand (500,000) to two million (2,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans et d'une amende de cent mille (100.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais.

CHAPITRE X: INFRACTIONS CONTRE LA VIE PRIVÉE

Article 280: Violation du domicile

Toute personne qui, sans ordre de l'autorité et hors le cas où la loi permet d'entrer dans les domiciles des particuliers contre leur volonté, s'introduit dans un ménage, une maison, une chambre ou un logement habité par autrui est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cent mille (100.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Si elle procède à l'usage de menaces, à l'effraction ou à l'usage de fausses clefs, elle est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Ingingo ya 281: Kwivanga mu mibereho bwite y'undi muntu

Umuntu wese, ku bw'inabi, mu buryo ubwo ari bwo bwose, wivanga mu mibereho bwite y'undi akoresheje :

- 1° kumviriza, no gutangaza amagambo abantu bavugiye mu muhezo batabitangiye uruhushya;
- 2° gufata ifoto cyangwa amajwi n'amafoto nyirayo atabitungiye uruhushya;

ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Iyo ibikorwa bivugwa muri iyi ngingo byabaye bene byo babibona kandi babizi, ntibabyamagane kandi barashoboraga kubyamagana, bifatwa nk'aho babyemeye.

Ibihano bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ni byo bigenerwa ubika, usakaza hakoreshejwe uburyo ubwo ari bwo bwose, ifatamajwi cyangwa inyandiko yabonywe

Article 281: Invasion of personal privacy

Any person who, in any way, maliciously invades the privacy of another person by:

- 1° secretly listening and making known to the public his/her private statement without consent;
- 2° taking his/her picture or audio-visual recording without his/her permission;

shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year and a fine of one million (1,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

If the acts under this Article are committed in full awareness of the persons concerned without opposing them while they were able to do so, their consent is presumed.

The penalties under Paragraph One of this Article apply to a person who preserves, makes known to the public in any way, any recording or document obtained as a result of

Article 281: Porter atteinte à l'intimité de la vie privée d'autrui

Toute personne qui, méchamment et de quelque manière que ce soit porte atteinte à l'intimité de la vie privée d'autrui:

- 1° en écoutant secrètement et en rendant public, sans consentement, les paroles prononcées à titre privé;
- 2° en prenant sa photo ou en procédant à son enregistrement audiovisuel sans sa permission;

est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an et d'une amende d'un million (1.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Lorsque les actes prévus visés au présent article sont accomplis au vu et au su des intéressés sans qu'ils s'y opposent alors qu'ils sont en mesure de le faire, le consentement de ceux-ci est présumé.

Les peines prévues à l'alinéa premier du présent article s'appliquent également à celui qui conserve, porte à la connaissance du

hakoreshejwe igikorwa kimwe mu bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

Ingingo ya 282: Gutangaza amagambo cyangwa amashusho binyuranye n'uko byafashwe

Umuntu wese, utangaza, hakoreshejwe uburyo ubwo ari bwo bwose, amagambo yavuzwe, yahinduwe agatangazwa uko atavuzwe cyangwa se amashusho n'amafoto by'umuntu byagaragajwe uko bitafashwe, ntagaragaze ko binyuranyije n'uko byafashwe, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 283: Kumena ibanga ry'akazi

Umuntu wese umena ibanga kandi ashinzwe kuribika, ku mpamvu z'akazi, z'umwuga cyangwa z'idini, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni zirindwi (7.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

the acts under Paragraph One of this Article.

Article 282: Publication of statements or pictures of a person different from the original

Any person who publishes, by any means, an unoriginal version of a person's statements, spoken or pictures and photos without explicitly stating that it is an unoriginal version shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year and a fine of one million (1,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 283: Breach of a professional secrecy

Any person serving as a keeper who reveals a professional secrecy entrusted to him/her by virtue of function, occupation or religious authority shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of one million (1,000,000) to seven million (7,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

public de quelque manière que ce soit, tout enregistrement ou document obtenu à l'aide de l'un des actes prévus au premier alinéa du présent article.

Article 282: Publication des paroles ou des images d'une personne après leur montage

Toute personne qui publie, par quelques moyens que ce soit, le montage réalisé avec les paroles, les images et les photos d'une personne sans faire expressément mention qu'il s'agit d'un montage, est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an et d'une amende d'un million (1.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 283: Violation du secret professionnel

Toute personne dépositaire, par fonction, profession ou par mandat religieux qui viole le secret professionnel qu'on lui confie est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à sept millions (7.000.000) de francs rwandais ou de l'une

Ingingo ya 284: Kumena ibanga ry'akazi bidahanirwa

Ingingo ya 283 ntikoreshwa mu gihe itegeko ritegeka cyangwa ryemera kumena ibanga ry'akazi.

Iyo ingingo ya 283 ntikoreshwa kandi:

- 1° ku muntu uha amakuru inzego z'ubutabera cyangwa z'ubuvuzi ku birebana no gufatwa nabi cyangwa kwimwa ibikenewe mu buzima byakorewe umwana cyangwa umuntu udashobora kwirwanaho kubera imiterere ye ku mubiri cyangwa mu bwenge;
- 2° ku muganga, umenyeshye inzego z'ubutabera abyumvikanyeho n'uwakorewe icyaha, ifatwa nabi yabonye amusuzuma ryahungabanyije imyanya ndangagitsina.

Ingingo ya 285: Ibyaha bikorerwa ubutumwa mu nzira zitandukanye z'itumanaho

Umuntu wese ukoresha uburiganya, mu buryo ubwo ari bwo bwose, mu gufungura, kurigisa, gutinza, kuyobya amabaruwa

Article 284: Unpunishable breach of professional secrecy

Article 283 shall not apply in cases the law imposes or allows the revelation of a professional secrecy.

Nor does Article 283 apply to:

- 1° a person who informs the judicial or medical authorities of mistreatment or deprivation of what is essential to the health of a child or a person unable to protect him/herself because of physical or mental state ;
- 2° a medical doctor who informs the judicial authorities with the consent of the victim of physical abuses which damages genital organs noticed during his/her consultation.

Article 285: Offences against communication

Any person who, by use of any fraudulent means, opens, removes, delays or diverts correspondence or other written messages,

de ces peines seulement.

Article 284: Violation du secret professionnel non punissable

L'article 283 n'est pas applicable dans les cas où la loi impose ou autorise la révélation du secret professionnel.

L'article 283 ne s'applique non plus:

- 1° à celui qui informe les autorités judiciaires ou médicales de mauvais traitements ou privation de ce qui est indispensable pour la santé commis à l'égard d'un enfant ou à une personne incapable de se protéger en raison de son état physique ou mental;
- 2° au médecin qui porte à la connaissance des autorités judiciaires avec consentement de la victime, les sévices qui ont endommagé les organes génitaux qu'il a constatés lors de sa consultation. .

Article 285: Infractions commises sur les correspondances

Toute personne qui utilise tout moyen frauduleux pour ouvrir, supprimer, retarder,

cyangwa izindi nyandiko byageze iyo bijya cyangwa bitaragerayo, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ibihano bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ni byo bihanishwa igikorwa cyo gufata, kumviriza, kuyobya cyangwa gutangaza ubutumwa, bwoherejwe cyangwa bwakiriwe hakurikijwe inzira z'itumanaho izo ari zo zose cyangwa gushyiraho ibyuma byagenewe kumviriza nta burenganzira butanzwe n'urukiko cyangwa ubushinjacyaha.

Iyo ubutumwa buvugwa mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo bukubiyemo amabanga y'igihugu, uwabikoze ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000).

Ingingo ya 286: Gukusanya amakuru yerekeye abantu muri za mudasobwa

Umuntu wese ukusanya amakuru yerekeye

whether or not they have arrived at their destination shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to two (2) years and a fine of one million (1,000,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

The penalties under Paragraph One of this Article shall apply for recording, intercepting, diverting or disclosing correspondence sent or received by any means of telecommunication or installing devices designed to carry out such interceptions without authorisation of the judicial or public prosecution authorities.

If the correspondence under Paragraphs One and 2 of this Article contains State secrets, the offender shall be liable to a term of imprisonment of (2) years to five (5) years and a fine of one million (1,000,000) to two million (2,000,000) Rwandan francs.

Article 286: Gathering of personal information in computers

Any person who gathers personal information

détourner des correspondances ou d'autres messages écrits arrivés ou non à destination est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à deux (2) et d'une amende d'un million (1.000.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Les peines prévues à l'alinéa premier du présent article s'appliquent également au fait d'enregistrer, d'intercepter, de détourner ou de divulguer des correspondances émises ou reçues par toute voie de télécommunication ou de procéder à l'installation d'appareils d'interceptions sans l'autorisation de l'autorité judiciaire ou de l'organe national de poursuite.

Si les correspondances prévues aux alinéas premier et 2 du présent article contiennent les secrets de l'Etat, le coupable est passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais.

Article 286: Recueil des informations nominatives concernant des personnes dans les ordinateurs

abantu cyangwa ushyira, ukoresha muri za mudasobwa n'ibindi byuma kabuhariwe ibiranga umuntu runaka ku buryo byagira ingaruka ku cyubahiro cyangwa ku mibereho bwite, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 287: Kubika no gutangaza amakuru y'abantu

Umuntu wese ufata amajwi, ushyingura cyangwa ukoresha ubundi buryo bwo kubika muri za mudasobwa n'ibindi byuma kabuhariwe, amakuru y'abantu yagira ingaruka ku cyubahiro cyangwa ku mibereho yabo bwite, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Igihe ayo makuru yatangajwe abo areba batabyemeye, akabwirwa abadafite uburenganzira bwo kuyamenya, uwabikoze

or inserts and uses in computers and other specialized equipment personal information likely to adversely affect the dignity or the privacy of people shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year and a fine of one million (1,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 287: Recording and publishing personal information

Any person who records voices, keeps records or uses other means to save in computers and other specialized equipment personal information likely to adversely affect the dignity or the privacy of people shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year and a fine of one million (1,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

If such information is made known to third parties who are not authorized to know it without consent of the concerned persons, the

Toute personne qui recueille des informations nominatives concernant des personnes ou introduit et utilise dans les ordinateurs et d'autres appareils spécialisés des informations nominatives concernant une personne et susceptibles de porter atteinte à leur considération ou à leur vie privée est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an et d'une amende d'un million (1.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 287: Enregistrer et rendre publiques des informations nominatives concernant des personnes

Toute personne qui enregistre des voix, archive ou utilise d'autres moyens d'enregistrement dans les ordinateurs et d'autres appareils spécialisés des informations nominatives concernant des personnes susceptibles de porter atteinte à leur considération ou à leur vie privée est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an et d'une amende d'un million (1.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Si ces informations sont portées à la connaissance des tiers qui n'ont pas qualité

ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshanu (5.000.000) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 288: Gusebanya mu ruhame

Umuntu wese, ku bw'inabi kandi mu ruhame, witeye undi igikorwa cyeruye gishobora gutanga uwo muntu icyubahiro cyangwa agaciro cyangwa gishobora kumusuzuguzwa mu ruhame, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 289: Gutukana mu ruhame

Umuntu wese utukira undi mu ruhame, ahanishwa igifungo kuva ku mezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

offender shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year and a fine of five million (5,000,000) to ten million (10,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 288: Defamation in public

Any person who, maliciously and publicly, commits a specific act against another person which is likely to damage the honour or dignity, or bring him/her to public contempt shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year and a fine of one million (1,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 289: Public insult

Any person who publicly insults another person shall be liable to a term of imprisonment of at least two (2) months but less than six (6) months and a fine of five hundred thousand (500,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

pour les connaître et sans l'autorisation des personnes concernées, le coupable est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an et d'une amende de cinq millions (5,000.000) à dix millions (10.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 288: Diffamation publique

Toute personne qui, méchamment et publiquement, impute à une personne un fait précis qui est de nature à porter atteinte à l'honneur ou à la considération de cette personne, ou à l'exposer au mépris public, est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an et d'une amende d'un million (1.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 289: Injure publique

Toute personne qui injurie publiquement une autre personne est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Ingingo ya 290: Gusebya cyangwa gutuka umuntu bidakozwe mu ruhame

Umuntu wese usebya cyangwa utuka undi bitari mu ruhame, mu buryo ubwo ari bwo bwose, ahanishwa igifungo kuva ku minsi irindwi (7) kugeza ku mezi abiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 291: Ikurikirana ry'ibyaha bibangamira imibereho bwite y'abantu

Ku byaha biteganywa muri uyu Mutwe, ikurikirana ry'icyaha rikorwa n'ubushinjacyaha bisabwe n'uwahemukiwe, umuhagarariye mu buryo bwemewe n'amategeko cyangwa umufiteho uburenganzira.

INTERURO YA II: IBYAHA BIKORERWA KU MITUNGO

UMUTWE WA MBERE: UBUJURA, UBWAMBUZI NO KWAKA IKITARI BWISHYURWE

Icyiciro cya mbere: Ibisobanuro by'amagambo

Article 290: Defaming and insulting a person in a private area

Any person who, in any way whatsoever, defames or insults another person in a private area shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) days to two (2) months and a fine of one hundred thousand (100,000) to two million (2,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 291: Legal action for offences against privacy

Legal action for offences under this Chapter shall be instituted by the Public Prosecution upon request by the victim, his/her legally authorized representative or rightful claimant.

TITLE II: OFFENCES AGAINST PROPERTY

CHAPTER ONE: THEFT, EXTORTION AND MAKING OFF WITHOUT PAYMENT

Section One: Definitions of terms

Article 290: Diffamer ou injurier une personne dans un lieu non public

Toute personne qui diffame ou injurie une autre personne dans un lieu non public de quelque manière que ce soit est passible d'un emprisonnement de sept (7) jours à deux (2) mois et d'une amende de cent mille (100.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 291: Action publique des infractions portant atteinte à l'intimité de la vie privée

Pour les infractions visées au présent chapitre, l'action publique est exercée par l'Organe National de Poursuite à la demande de la partie lésée, de son représentant ou de son ayant droit.

TITRE II: INFRACTIONS CONTRE LES PROPRIETES

CHAPITRE PREMIER: VOL, EXTORSION ET GRIVELERIE

Section première: Définitions des termes

Ingingo ya 292: Kwiba

Kwiba ni ugutwara cyangwa gukoresha ikintu cy'undi bujura.

Ingingo ya 293: Kurira

Kurira ni imyinjirire yose yo mu mazu, ibigo, ibibuga, ubusitani, ahateye ibiti, ahazitiye aho ari ho hose, umuntu anyuze hejuru y'inkuta, inzugi, ibisenge cyangwa uruzitiro urwo ari rwo rwose.

Ingingo ya 294: Imfunguzo zikoreshejwe n'utari nyirazo

Imfunguzo zikoreshejwe n'utari nyirazo ni imfunguzo z'amoko yose cyangwa ibintu ibyo ari byo byose byakoreshwa nk'urufunguzo n'utari nyira zo cyangwa undi wese ubifitiyeuburenganzira.

Zitwa na none imfunguzo zikoreshejwe n'utari nyirazo, imfunguzo zatakaye cyangwa zibwe zigakoreshwa mu cyaha cy'ubujura.

Ingingo ya 295: Ubujura bwa nijoro

Ubujura bwa nijoro ni ubujura bwabaye hagati ya saa kumi n'ebiri za nimugoroba

Article 292: Theft

Theft is the fraudulent withdrawal or use of something belonging to another person.

Article 293: Climbing

Climbing means any breaking into houses, buildings, yards, gardens, parks and enclosures, carried out by a person over walls, doors, roofs and any other fence.

Article 294: Fake keys

Fake keys means any types of keys or objects which may be used as a key by a person other than the owner or any other authorized person.

Lost or stolen keys are also considered as fake keys when used to carry out theft.

Article 295: Night theft

Night theft is theft carried out between six (6.00) pm and six (6.00) am.

Article 292: Vol

Le vol est la soustraction ou l'utilisation frauduleuse d'une chose appartenant à autrui.

Article 293: Escalade

L'escalade est, toute entrée dans les maisons, bâtiments, cours, jardins, parcs et enclos, exécutée par une personne par-dessus les murs, portes, toitures ou toute autre clôture.

Article 294: Fausses clés

Les fausses clés sont toutes sortes de clés ou d'objets pouvant être utilisés comme clé par une personne autre que le propriétaire ou toute autre personne autorisée.

Sont également considérées comme fausses clés, les clés perdues ou soustraites et qui servent à commettre le vol.

Article 295: Vol de nuit

Le vol de nuit est le vol commis entre dix

na saa kumi n'ebiri za mu gitondo.

Ingingo ya 296: Inzu ituwemo

Yitwa inzu ituwemo, inyubako yose, amazu yose, ibyumba byose, akazu gato kose, ndetse n'akimukanwa cyangwa ahandi hantu hatuwe cyangwa haba abantu.

Byitwa ibikikije inzu ituwemo, ibibuga, ubusitani, inzu z'amatungo ndetse n'ibihubutse ibyo ari byo byose n'aho byaba bifite urugo rwabyo.

Ingingo ya 297: Gukoresha kiboko n'ibikangisho

Gukoresha kiboko ni ugukora ibikorwa by'agahato ku mubiri w'umuntu.

Ibikangisho ni uburyo bwose bugamije gutera ubwoba bushingiye ku gutinya inabi yugarije.

Ingingo ya 298: Guca icyuho

Guca icyuho ni:

- 1° uguhata, konona, kumena, gucukura, gusenya uruzitiro, urukuta,

Article 296: Occupied house

An occupied house is any building, flat, accommodation, hut even a mobile one or any other place used as a dwelling or occupied by persons.

An outbuilding of an occupied house is any yards, gardens, animal sheds as well as other buildings constructed therein even if they form a separate enclosure within the main enclosure.

Article 297: Violence and threats

Violence means physically coercive acts committed against a person.

Threat is any means aimed at instilling fear of an impending danger.

Article 298: Housebreaking

Housebreaking consists of:

- 1° forcing, damaging, demolishing, digging, removing fence, a wall,

huit heures (18h00) et six heures (6h00).

Article 296: Maison habitée

Est réputée maison habitée, tout bâtiment, tout logement, tout appartement, toute cabane, même mobile, ou tout autre lieu servant d'habitation ou occupé par des personnes.

Sont réputées dépendances d'une maison habitée, les cours, les jardins, les étables ainsi que tous autres édifices qui y sont érigés quand bien même ils forment un enclos particulier dans l'enclos principal.

Article 297: Violence et menace

La violence désigne des actes de contrainte physique exercés sur une personne.

La menace désigne tout moyen visant à inspirer la peur d'un mal imminent.

Article 298: Effraction

L'effraction consiste:

- 1° à forcer, dégrader, démolir, creuser,

amadirishya, inzugi n'igisenge by'inzu n'inubako izo ari zo zose;

2° ibikorwa bivuzwe haruguru bikoze ku modoka, ku bwato, indege cyangwa gariyamoshi;

3° ugukingura ku gahato utubati cyangwa ibintu byose bikinze, bibikwamo ibintu ibyo ari byo byose n'aho icyo cyuhwe cyaba kitaciriwe aho ibintu byari biri.

windows, doors, the roof of a building, or any kind of buildings;

2° acts mentioned above committed on a vehicle, boat, aircraft or train;

3° breaking into cupboards or other locked furniture, used for keeping belongings even if the housebreaking has not been carried out in the place of location of the belongings.

enlever la clôture, un mur, des fenêtres, des portes et une toiture d'une maison et toute sorte de bâtiments ;

2° en des actes ci-haut cités commis sur un véhicule, un bateau, un aéronef ou un train ;

3° à forcer des armoires ou tous autres meubles fermés, contenant des effets quelconques, même si l'effraction n'a pas été faite sur les lieux où se trouvaient ces effets.

Ingingo ya 299: Ubwambuzi

Ubwambuzi ni ugukoresha ku muntu kiboko, ibikangisho cyangwa agahato, kugira ngo agusinyire inyandiko cyangwa aguterere igikumwe, yemere cyangwa ahakane inshingano, akubwire ibanga, aguhe amafaranga, ibiyavunja cyangwa ikindi kintu icyo ari cyo cyose.

Icyiciro cya 2: Ubujura budakoreshejwe kiboko cyangwa ibikangisho

Ingingo ya 300: Ibihano ku bujura budakoresheje kiboko cyangwa ibikangisho

Umuntu wese ukora ubujura budakoreshejwe kiboko cyangwa ibikangisho ahanishwa

Article 299: Extortion

Extortion means obtaining from a person by violence, threat or constraint, a signature, fingerprints, commitment or renunciation, revelation of a secret, handing over of funds, securities or any other asset.

Section 2: Theft without violence or threat

Article 300: Penalties for theft without violence or threat

Any person who commits theft without violence or threat shall be liable to a term of

Article 299: Extorsion

L'extorsion est le fait d'obtenir, de la part d'une personne, par violence, menace ou contrainte, soit une signature, ou une empreinte digitale, un engagement ou une renonciation, soit la révélation d'un secret, soit la remise de fonds, de titres ou d'un bien quelconque.

Section 2: Vol sans violence ou menace

Article 300: Peines pour vol sans violence ou menace

Toute personne qui commet le vol sans

igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri ebyiri (2) kugeza kuri eshanu (5) z'agaciro k'icyibwe cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 301: Impamvu nkomezacyaha ku cyaha cy'ubujura budakoreshejwe kiboko cyangwa ibikangisho

Iyo:

- 1° ubujura bukoreshwe guca icyuho, kurira cyangwa imfunguzo zitari iza nyira zo;
- 2° ubujura bukozwe nijoro mu nzu ituwemo cyangwa isanzwe ibamo abantu cyangwa mu nyubako ziyikikije;
- 3° ubujura bwakozwe n'umukozi wa Leta cyangwa umuntu ushinzwe imirimo iyo ari yo yose ifitiye abaturage akamaro;
- 4° abakoze icyaha cyangwa umwe muri bo biyitiriye izina cyangwa bitwaje ibimenyetso biranga umukozi wa Leta cyangwa by'umuntu ushinzwe umurimo rusange ufiteye abaturage akamaro babeshya ko babitumwe

imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of two (2) to five (5) times the value of the stolen property or one of these penalties.

Article 301: Aggravating circumstances of theft without violence or threat

If:

- 1° the theft is committed through housebreaking, climbing or fake keys;
- 2° the theft is committed during the night in an occupied house or a dwelling place or in its outbuildings;
- 3° the theft is committed by a civil servant or a person in charge of any service of public interest;
- 4° the offenders, or any of them, usurped under false title or insignia of a civil servant or a person in charge of a service of public interest or with a false mandate from public authority;

violence ou menace est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de deux (2) à cinq (5) fois la valeur de la chose volée ou de l'une de ces peines seulement.

Article 301: Circonstances aggravantes pour le vol sans violence ou menace

Lorsque :

- 1° le vol est commis par effraction, escalade ou fausses clefs ;
- 2° le vol est commis la nuit dans une maison habitée ou servant à l'habitation ou dans ses dépendances;
- 3° le vol est commis par un agent de l'Etat ou une personne chargée d'un service quelconque d'intérêt général;
- 4° les auteurs ou l'un d'eux ont pris le titre ou les insignes d'un agent de l'Etat ou d'une personne chargée d'un service d'intérêt général sur un faux ordre de l'autorité publique;

n'ubutegetsi;
igihano ntarengwa giteganyijwe mu ngingo ya 300 y'iri tegeko ngenga cyikuba kabiri.

Icyiciro cya 3: Ubujura bukoreshajwe kiboko cyangwa ibikangisho

Ingingo ya 302: Ibihano ku bujura bukoreshajwe kiboko cyangwa ibikangisho

Umuntu wese ukoze ubujura bukoreshajwe kiboko cyangwa ibikangisho ahanishwa igifungo kuva ku myaka itatu (3) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri eshanu (5) kugeza ku icumi (10) z'agaciro k'icyibwe.

Iyo kiboko cyangwa ibikangisho byakoreshejwe ubujura, byateye indwara cyangwa kubuza umuntu kugira icyo yikorera ku buryo budahoraho, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7).

Iyo kiboko cyangwa ibikangisho byateye indwara idakira, ubumuga buhoraho butuma umuntu atagira icyo yikorera cyangwa byateye kubura burundu umwanya w'umubiri, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10).

the maximum penalty under Article 300 of this Organic Law shall be doubled.

Section 3: Theft committed with violence or threat

Article 302: Penalties for theft with violence or threat

Any person who commits theft with violence or threats shall be liable to a term of imprisonment of three (3) years to five (5) years and a fine of five (5) to ten (10) times the value of the stolen asset.

If the violence or threats used in theft result in an illness or temporary loss of working capacity, the offender shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years.

If the violence or threats result in an incurable illness or a permanent loss of working capacity or permanent loss of a body organ, the offender shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years.

le maximum de la peine prévue à l'article 300 de la présente loi organique est porté au double.

Section 3: Vol commis avec violence ou menace

Article 302: Peines pour vol commis avec violence ou menace

Section 11: Recel d'un bien trouvé

Article 328: Détenir frauduleusement un bien trouvé appartenant à autrui

Toute personne qui trouve ou obtient par hasard une chose mobilière appartenant à autrui et qui la conserve intentionnellement ou la donne frauduleusement à des tiers, est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de deux (2) ans à dix (10) fois la valeur de la chose trouvée ou de l'une de ces peines seulement.

Icyiciro cya 12: Ingingo zihariye

Ingingo ya 329: Kwigana cyangwa guhindura imfunguzo

Umuntu wese, mu buryo bw'uburiganya, wigana cyangwa uhindura imfunguzo, cyangwa ukoresha urufunguzo rufungura hose, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Iyo uwakoze icyaha ari umunyamwuga wo gukora amaserire, imfunguzo cyangwa ibindi byose bishobora gufungura, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000).

Ingingo ya 330: Gutwara ikintu cy'umwihariko cy'umwe mu bashyingiranywe

Iyo umwe mu bashyingiranywe ku buryo bw'ivangamutungo rusange atwaye ikintu cy'umwihariko cy'uwo bashyingiranywe, ahanishwa gusubiza icyo yatwaye.

Section 12: Special provisions

Article 329: Counterfeiting or alteration of keys

Any person who, fraudulently, forges or alters keys or uses a master key shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

If the offender is a locksmith, he/she shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs.

Article 330: Appropriating a spouse's personal belonging

If one of the spouses married under the community property regime appropriates a personal belonging of the other spouse, he/she restitution of the appropriated belonging shall

Section 12: Dispositions particulières

Article 329: Contrefaçon ou altération des clés

Toute personne qui, frauduleusement, contrefait ou altère des clefs ou utilise une clé passe - partout, est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Si l'auteur est serrurier de profession, il est passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais.

Article 330: S'approprier d'un bien personnel du conjoint

Lorsque l'un des conjoints mariés sous le régime de la communauté des biens s'approprie un bien personnel de son

Icyo cyaha ntigishobora gukurikiranwa kitaregewe n'uwagikorewe.

Ingingo ya 331: Kwangiza cyangwa kurigisa nkana ibyafatiriwe cyangwa ibyanyazwe

Umuntu wese ushinzwe kurinda cyangwa undi wese urigisa, wonona cyangwa wangiza nkana ibyafatiriwe cyangwa ibyanyazwe, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) no gusubiza ibihwanye n'agaciro k'icyangijwe cyangwa icyarigishijwe.

Ibihano bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ni nabyo bihanishwa urimo umwenda, uwagujije cyangwa undi muntu wese watanze ingwate, wangije cyangwa warigishije ibintu yatanzeho ingwate.

Ingingo ya 332: Kwiba ikinyabiziga hagamijwe kukigurisha mu kindi gihugu

Umuntu wese wiba ikinyabiziga mu gihugu agamije kukigurisha mu kindi gihugu, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu

be ordered.

Legal action for such an offence shall only be taken after a complaint by the complainant.

Article 331: Intentional destruction or appropriation of seized or confiscated property

Any custodian or person who intentionally appropriates, damages or destroys confiscated or seized property, shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and ordered restitution of the value equal to that of the damaged or appropriated property.

The penalties under Paragraph One of this Article shall also apply to any debtor, borrower or any other pledger who destroys or appropriates property pledged as a security.

Article 332: Theft of a motor vehicle for the purpose of selling it in a foreign country

Any person who steals a motor vehicle in any country in order to sell it in another country, shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years

conjoint, il est condamné à la restitution du bien dont il s'est approprié.

La poursuite pour cette infraction ne peut être exercée que sur la plainte de la victime.

Article 331: Destruction ou détournement intentionnel des objets saisis ou confisqués

Le gardien ou toute autre personne qui détourne, endommage ou détruit intentionnellement des objets saisis ou confisqués est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et est condamné à la restitution de la valeur équivalente à celle du bien endommagé ou détourné.

Les peines prévues à l'alinéa premier du présent article sont également applicables à tout débiteur, emprunteur ou tiers donneur de gage qui détruit ou détourne les objets qu'il a donnés à titre de gage.

Article 332: Vol d'une automobile en vue de la vendre dans un autre pays

Toute personne qui vole une automobile dans un pays en vue de la vendre dans un autre pays est passible d'un emprisonnement de

y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshanu (5.000.000) kugeza kuri miliyoni makumyabiri (20.000.000).

UMUTWE WA II: IBYAHA BIKORWA MU BUCURUZI NO MU MAKOPERATIVE

Icyiciro cya mbere: Igihombo cyikururiwe

Ingingo ya 333: Igihombo cyikururiwe gikomeye

Umucuruzi wese utagishoboye kwishyura akaba, ku buryo bw'uburiganya:

- 1° arigisa cyangwa ahisha umutungo wose cyangwa igice cyawo;
- 2° wiyemerera imyenda atarimo;
- 3° urigisa ibitabo by'ibaruramari;

aba akoze icyaha cy'igihombo cyikururiwe gikomeye kandi ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000).

and a fine of five million (5,000,000) to twenty million (20,000,000) Rwandan francs.

CHAPTER II: COMMERCIAL AND COOPERATIVE OFFENCES

Section One: Fraudulent bankruptcy

Article 333: Grave fraudulent bankruptcy

Any insolvent business person who fraudulently:

- 1° misappropriates, conceals all or part of his/her assets;
- 2° accepts debts that he/she does not owe;
- 3° conceals his/her account books;

commits grave fraudulent bankruptcy and shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to three (3) years and a fine of one hundred thousand (100,000) to one million (1, 000, 000) Rwandan francs.

plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d'une amende de cinq millions (5.000.000) à vingt millions (20.000.000) de francs rwandais.

CHAPITRE II: INFRACTIONS COMMISES DANS LE CADRE DU COMMERCE ET DES COOPERATIVES

Section première: Banqueroute frauduleuse

Article 333: Banqueroute frauduleuse grave

Tout commerçant en état d'insolvabilité qui, frauduleusement:

- 1° détourne ou dissimule tout ou partie de l'actif;
- 2° se reconnaît débiteur de sommes qu'il ne doit pas;
- 3° soustrait ses livres de comptabilité;

est coupable de banqueroute frauduleuse grave et est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans et d'une amende de cent mille (100.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais.

Ingingo ya 334: Igihombo cyikururiwe cyoroshye

Umucuruzi wese utagishoboye kwishyura:

- 1° wikenura cyangwa ukenura urugo rwe, asesagura imari;
- 2° unanirwa kwishyura imyenda, utonesha umwe mu bishyurwa ku buryo buryamiye abasigaye;
- 3° uhisha ko yananiwe kwishyura, ugura ibintu akabigurisha ku giciro kiri hasi y'ikiriho, wirundaho imyenda, utanga impapuro zifite agaciro k'amafaranga cyangwa agakoresha ubundi buryo bwose buhombya, akurikiranye kubona amafaranga;
- 4° uhimba ibyo yatanzeho amafaranga, ibyamuhombeje cyangwa ntagaragaze umutungo wose nyakuri ufitanye isano n'ubucuruzi afite yaba yabonye nyuma y'itariki yarekeyeho kwishyura cyangwa ntiyerekane icyo yawukoresheje kuva igihe aheruka gukorerwa igenzura;

aba akoze icyaha cy'igihombo cyikururiwe cyoroshye kandi ahanishwa igifungo kuva ku

Article 334: Simple fraudulent bankruptcy

Any insolvent business person who:

- 1° for his/her personal interest or for his/her family incurs excessive expenses;
- 2° on failure to pay, favours one of the creditors to the detriment of others;
- 3° dissimulates his/her insolvency, purchases items which he/she sells at a lower price than the market price, or indulges in taking loans, delivers cash value effects, or any other way meant to cause bankruptcy, in pursuit of getting cash;
- 4° forges expenses or losses incurred or does not justify all real assets inherent to trade which he/she might have obtained after the date on which he/she became insolvent or does not justify what he/she has used since his/her last audit;

commits simple bankruptcy and is liable to a term of imprisonment of six (6) months to

Article 334: Banqueroute frauduleuse simple

Tout commerçant en état d'insolvabilité qui :

- 1° pour ses besoins personnels ou ceux de sa famille, fait des dépenses excessives;
- 2° après son insolvabilité, favorise un créancier au détriment de la masse;
- 3° dissimule son état d'insolvabilité, fait des achats pour vendre au-dessous du cours du marché, ou se livre à des emprunts, circulations d'effets ou autres moyens ruineux pour se procurer des fonds;
- 4° suppose des dépenses ou des pertes fictives ou ne justifie pas l'existence de l'actif obtenu après la date de déclaration d'insolvabilité ou l'utilisation de cet actif après audit.

est coupable de banqueroute simple et est

mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 335: Ibikorwa bifatwa kimwe n'igihombo cyikururiwe cyoroshye

Umucuruzi wese utagishoboye kwishyura:

- 1° utandika mu bitabo cyangwa udakora ibaruramari ku buryo bukurikije amategeko;
- 2° ibitabo by'ibaruramari bye birimo inyandiko idatunganye, ituzuye cyangwa byanditswe mu rurimi rudateganyijwe n'itegeko;
- 3° ibitabo by'ibaruramari bye bitagaragaza mu kuri imari n'imyenda ariko hatarimo uburiganya;
- 4° ugira amasezerano atanga imyenda irenze urugero, ugereranyije n'imari ye igihe yagiraga ayo masezerano nta ngwate ahawe;
- 5° abikoranye uburiganya, utuma bamwemeza igihombo kandi nta

two (2) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 335: Acts which qualify as simple fraudulent bankruptcy

Any insolvent business person who:

- 1° does not keep records or does not carry out lawful inventory;
- 2° is found with irregular books of accounts, written in a language other than which is prescribed by the law;
- 3° is found with books of accounts not showing real assets and liabilities but without fraud;
- 4° signs agreements which grant excessive credits, compared to his/her assets at the time of contracting the credit, with no security set aside;
- 5° fraudulently causes bankruptcy to be ascribed to him/ her while being

passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 335: Faits qualifiés de banqueroute frauduleuse simple

Tout commerçant en état d'insolvabilité:

- 1° qui ne tient pas les livres ou ne fait pas ses inventaires selon la loi;
- 2° dont les livres et les inventaires sont incomplets, irréguliers ou rédigés dans une langue autre que celles dont l'emploi est prescrit par la loi;
- 3° dont les livres ou les inventaires n'offrent pas sa véritable situation active et passive, sans néanmoins qu'il y ait fraude;
- 4° qui contracte, sans recevoir des valeurs en échange des engagements jugés trop considérables, eu égard à sa situation financière lorsqu'il les contracte;
- 5° qui, frauduleusement, se fait déclarer en

bukene bumurangwaho;

6° nyuma y'igihombo, utubahirije amategeko yose akomoka ku bwumvikane bwe n'abo abereyemo imyenda cyangwa yaratsindiwe kuba ari we wishe amasezerano y'ubwo bwumvikane;

7° utaramenyeshije ko yananiwe kwishyura, mu buryo no mu bihe biteganyijwe n'amategeko yerekeye igihombo;

8° usiba nta mpamvu cyangwa utitaba ubutumire bw'umucamanza cyangwa ushinzwe gucunga ibintu by'uwahombye kandi yarahawe inzandiko zimuhamagara;

aba akoze icyaha cy'igihombo cyikururiwe cyoroshye kandi ahanishwa ibihano biteganyijwe mu ngingo ya 334 y'iri tegeko ngenga.

Icyiciro cya 2: Ibyaha biteye kimwe n'igihombo cyikururiwe

actually not poor;

6° after bankruptcy, does not observe obligations inherent to agreements with his/her creditors, or the winding up arrangements have been pronounced against him/her;

7° has not declared his/her insolvency under terms and conditions provided for by the law relating to the settling of issues arising from insolvency;

8° without a legitimate reason, is absent or does not reply to the notification of the judge or the trustee in bankruptcy on having been summoned;

commits simple fraudulent bankruptcy and shall be liable to the penalties under Article 334 of this Organic Law.

Section 2: Offences similar to fraudulent bankruptcy

faillite alors que rien n'indique sa pauvreté;

6° qui, à la suite d'une faillite, n'a pas rempli toutes les obligations d'un concordat en cours, ou contre lequel la résolution du concordat a été prononcée;

7° qui n'a pas fait la déclaration de la cessation de ses paiements dans les conditions et les délais prévus par la loi relative au règlement des problèmes d'insolvabilité;

8° qui, sans motif valable, s'absente ou ne se présente pas devant le juge ou devant l'administrateur d'insolvabilité alors qu'il en a reçu les assignations en bonne et due forme ;

se rend coupable de banqueroute frauduleuse simple et est passible des peines prévues à l'article 334 de la présente loi organique.

Section 2: Infractions assimilées à la banqueroute frauduleuse

Ingingo ya 336: Ibikorwa by'igihombo cyikururiwe gikozwe n'abayobozi b'isosiyeti itagishoboye kwishyura

Umuyobozi, umucungamari cyangwa ushinzwe gutunganya ibintu by'isosiyeti yasheshwe, ni ukuvuga umuntu wese ushinzwe umurimo w'isosiyeti atari umucuruzi, mu gihe itagishoboye kwishyura, aba ku bw'uburiganya:

- 1° yarigishije cyangwa yahishe umutungo w'isosiyeti;
- 2° yitiriye isosiyeti imyenda itarimo;
- 3° yarigishije ibitabo by'isosiyeti;
- 4° yatatangaje amategeko agenga isosiyeti cyangwa ibyayahindutse mu buryo cyangwa mu bihe byateganyijwe n'itegeko;
- 5° yavuze muri ayo mategeko ibinyuranyije n'ukuri;
- 6° yahombeje isosiyeti;
- 7° yatanze mu bagize isosiyeti, imigabane itavuye mu rwunguko

Article 336: Fraudulent bankruptcy committed by representatives of an insolvent company

Any director, manager or liquidator, in other words any representative but not dealer of an insolvent company, who fraudulently:

- 1° misappropriate or conceals assets of the company;
- 2° ascribe debts to the company which it does not owe;
- 3° conceals records of the company;
- 4° does not publish acts of the company or any modifications under terms and conditions provided for by the law;
- 5° declares false reports;
- 6° causes bankruptcy of the company;
- 7° due to the absence of a balance sheet, or by means of a false balance sheet,

Article 336: Cas de banqueroute commise par les responsables d'une société en état d'insolvabilité

Tout directeur, gérant ou liquidateur, autrement dit, tout mandataire social non commerçant de société en état d'insolvabilité qui, frauduleusement:

- 1° détourne ou dissimule l'actif de la société;
- 2° reconnaît la société débitrice de sommes qu'elle ne doit pas;
- 3° soustrait les livres de la société;
- 4° omet de publier l'acte de société ou les actes modificatifs de celle-ci dans les formes et délais prévus par la loi;
- 5° donne, dans ces actes, des indications inexactes;
- 6° provoque la faillite de la société;
- 7° opère, en l'absence de bilan ou au

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

nyakuri, kandi batari bafite ishusho y'umutungo w'isosiyeti cyangwa bakoresheje ishusho y'umutungo y'impimbano;

allocates among share holders dividends not drawn from real profits;

moyen de bilan frauduleux, entre les membres de la société la répartition de dividendes non prélevés sur les bénéfices réels;

8° yatonesheje umwe mu bishyurwa ku buryo buryamira abasigaye;

8° favours one creditor to the detriment of other creditors;

8° favorise un créancier au détriment de la masse;

9° yasesaguye umutungo w' isosiyeti;

9° engages in overspending of the assets of the company;

9° fait des dépenses excessives sur le patrimoine de la société;

10° yashoye amafaranga menshi mu mikino cyangwa indi migenzereze yose ishingiyeye ku mahirwe;

10° spends large amounts of money in games or any other transactions of pure chance;

10° consomme de fortes sommes aux jeux ou autres opérations de pur hasard;

11° yaguze, yagurishije ku giciro kiri hasi y'ikiriho, yigwijeho imyenda, impapuro zifite agaciro k'amafaranga n'ubundi buryo bwose buhombya akurikiranye kubona amafaranga;

11° purchases and sells below market price or takes large amounts of loans, put negotiable instruments into circulation or adopt any other ruinous means of procuring funds;

11° fait des achats pour vendre au-dessous du cours du marché ou se livre à des emprunts, circulations d'effets ou use d'autres moyens ruineux de se procurer des fonds;

ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to three (3) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to five million (5, 000, 000) Rwandan francs.

est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

Ingingo ya 337: Gufata nabi ibitabo by'ibaruramari

Article 337: Poor book-keeping

Article 337: Mauvaise tenue des livres comptables

Umutegetsi wese, umuyobozi, Any administrator, director, manager or

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

umucungamari cyangwa ushinzwe gutunganya ibintu by'isosiyeti yasheshwe, ni ukuvuga umuntu wese ushinzwe umurimo w'isosiyeti, atari umucuruzi, mu gihe itagishoboye kwishyura, iyo kubera ikosa rye:

1° ibitabo by'ibaruramari bitanditsemo, ibaruramutungo ritegetswe ritakozwe cyangwa byanditswe mu rurimi rudateganyijwe n'itegeko, ibitabo by'ibaruramari bituzuye, iyo biterekanye urwunguko n'igihombo nyakuri by'isosiyeti ariko nta buriganya burimo;

2° kumenyekanisha ko isosiyeti yananiwe kwishyura bitabaye mu buryo no mu bihe biteganyijwe n'amategeko yerekeye igihombo;

ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

liquidator in other words any representative but not dealer of an insolvent company, who due to his/her fault, is found with:

1° books of accounts with no entry posted in, prescribed accounting unexecuted, or written in a language other than that which is prescribed by the law, account books that are not completed and do not show the exact profit or loss of the company, without any fraud;

2° omission of the declaration of the company insolvency under terms and conditions provided for by the law relating to the settling of issues arising from insolvency;

shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of two hundred thousand (200,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Tout administrateur, directeur, gérant ou liquidateur, autrement dit tout mandataire non commerçant de sociétés en état d'insolvabilité, lorsque, par sa faute :

1° les livres comptables n'ont pas été tenus, les inventaires n'ont pas été faits, qu'ils ont été écrits dans une langue autre que celle dont l'emploi est prescrit par la loi, qu'ils sont incomplets ou irréguliers, que les mêmes livres et inventaires n'offrent pas la véritable situation active ou passive de la société, sans qu'il y ait eu fraude;

2° la déclaration de l'état d'insolvabilité de la société n'a pas été faite dans les conditions et les délais prévus par la loi relative au règlement des problèmes d'insolvabilité;

est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de deux cent mille (200.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Ingingo ya 338: Kudatanga ibisobanuro ku isisiyeti yahombye

Abashinzwe umurimo w'isisiyeti, iyo byemejwe ko isisiyeti yananiwe kwishyura, ntibabe batanze ibisobanuro cyangwa baba babeshye umucamanza cyangwa ushinzwe gucunga ibintu by' isisiyeti cyangwa ku baba badafite inkomyi yemewe, ntibabe bitabyeigihe baba bahamagajwe inzandiko, bahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Abashinzwe gutunganya ubuyobozi bwa sosiyete yasheshwe, ni ukuvuga umuntu wese, abyigiriye cyangwa akoresheje undi, utegeka, uyobora cyangwa utunganya iby'iyi sosiyete yishingikirije abayihagarariye cyangwa ari mu mwanya wabo, igihe yigeretseho ku mayeri imyenda atarimo agamije kunyereza ibyayo, bahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000).

Article 338: Refusal to provide information about an insolvent company

The representatives of the company who, when a company has been declared insolvent, do not provide information or give inaccurate information to the judge or trustees, or do not respond in person to summons from authorities without reasonable cause, shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of two hundred thousand (200.000) to one million (1,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Any liquidator of the company or any person who directly or through a third party, administer, manage or liquidate a company on behalf of the legal representatives, who intentionally misappropriate the property or fraudulently makes him/her self a debtor for amounts not owed, shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to two million (2,000,000) Rwandan francs.

Article 338: Refus de fournir des renseignements sur une société en faillite

Les mandataires sociaux qui, si la société a été déclarée en état d'insolvabilité, n'ont pas fourni les renseignements ou ont donné des renseignements inexacts au juge ou au curateur, ceux qui, sans empêchement légitime, ne se sont pas rendus en personne à la convocation des autorités, sont passibles d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de deux cent mille (200.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Tout liquidateur d'une société en état d'insolvabilité, c'est-à-dire toute personne qui directement ou par personne interposée, administre, gère ou liquide ladite société sous le couvert ou en lieu et place de ses représentants légaux et qui, en vue de soustraire le patrimoine s'est frauduleusement reconnu débiteur de sommes qu'il ne devait pas, est passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais.

Ingingo ya 339: Kudatanga ibisobanuro kuri sosiyete yahombye bikozwe n'abayobozi bayo

Ibiteganyijwe mu ngingo kuva ku ya 336 kugera ku ya 338 z'iri tegeko ngenga bikurikizwa ku muyobozi wese ubifitiye uburenganzira ku bw'akazi cyangwa ku bw'amategeko n'undi muyobozi uwo ari we wese yaba ku buryo bugaragara cyangwa butagaragara.

Ingingo ya 340: Gutwara cyangwa kunyereza ibintu mu nyungu z'uwahombye

Umuntu wese:

- 1° mu nyungu z'uwahombye, utwara, unyereza cyangwa uhisha ibintu bye byose cyangwa igice cyabyo;
- 2° ku bw'uburiganya, werekana mu gihombo, ubwe cyangwa ubikoresha undi, imyenda y'impimbano;
- 3° ushinzwe gucunga ibintu by'uwahombye ugaragaweho icyaha cyo kurigisa umutungo yacungaga;

ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe

Article 339: Refusal to provide information on an insolvent company by its directors

Provisions of Articles 336 to 338 of this Organic Law shall apply to any legal representative or to any other authority by virtue of their duties, directly or indirectly.

Article 340: Removal or fraudulent concealment of assets in favour of the bankrupt

Any person who:

- 1° in the interest of the bankrupt, removes, embezzles or conceals, all or part of his/her assets;
- 2° fraudulently presents oneself or through a third party with fictitious debts;
- 3° as the administrator who embezzles property entrusted to him/her;

shall be liable to a term of imprisonment of

Article 339: Refus par les dirigeants de fournir des renseignements sur leur société en faillite

Les dispositions des articles 336 à 338 de la présente loi organique sont applicables à tout représentant légal ou à tout autre responsable soit directement ou indirectement.

Article 340: Soustraction ou dissimulation des biens dans l'intérêt du failli

Toute personne qui:

- 1° dans l'intérêt du failli, soustrait, dissimule ou cache tout ou partie de ses biens ;
- 2° frauduleusement, présente dans la faillite soit en son nom, soit par personne interposée, des dettes supposées ;
- 3° est curateur et qui se rend coupable de malversations dans sa gestion ;

(1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000).

Ingingo ya 341: Kugirana amasezerano y'uburiganya n'uwahombye

Abantu bose bagirana n'uwahombye cyangwa n'abandi bantu abo ari bo bose amasezerano y'indonke bahabwa baramutse bamubogamiyeho mu byemezo byabo kuri icyo gihombo cyangwa bagirana amasezerano y'umwihariko yabaviramo inyungu igomba gukurwa mu mafaranga agenewe kugabanywa ba nyir'imyenda, bahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

Icyiciro cya 3: Ibindi byaha bikorwa mu bucuruzi

Ingingo ya 342: Imenyekanisha ry'ibinyoma

Umuntu wese usabwa gutanga inyandiko:

one (1) year to three (3) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to two million (2,000,000) Rwandan francs.

Article 341: Fraudulent dealings with a bankrupt

Any persons who fraudulently deals with a bankrupt or any other persons, expecting to receive any advantage as a result of making biased decisions in the bankrupt's favour, or engages in any special deal likely to result in an advantage to the detriment of the creditors, shall be liable to a term of imprisonment of (6) months to two (2) years and a fine of two hundred thousand (200,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Section 3: Other offences committed in business

Article 342: False statement

Any person required to provide a document who:

est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à trois ans (3) et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais.

Article 341: Conclusion d'un contrat frauduleux avec un failli

Toutes personnes qui stipulent, soit avec le failli, soit avec toutes autres personnes, des avantages particuliers à raison de leur vote dans la déclaration de la faillite, ou qui font un contrat particulier duquel résulterait en leur faveur un avantage au détriment de la masse des créanciers, sont passibles d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de deux cent mille (200.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Section 3: Autres infractions dans le cadre du commerce

Article 342: Fausses déclarations

Toute personne tenue de produire un document et qui :

- 1° ukora cyangwa utanga uburenganzira bwo gukora inyandiko itari iy'ukuri cyangwa ishobora gutera kwibeshya;
- 2° wirengagiza ku bushake cyangwa utuma hirengagizwa ikintu ku buryo bwatuma habaho inyandiko itari iy'ukuri kandi ku buryo bwatera kwibeshya ku kintu cy'ingirakamaro;

ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 343: Gutanga inyandiko cyangwa raporo itari iy'ukuri

Umuyobozi w'isosiyeti cyangwa umukozi w'isosiyeti, ku bushake, ukora, cyangwa utanga uburenganzira bwo gukora inyandiko cyangwa raporo itari iy'ukuri yerekeranye n'imirimo y'isosiyeti, ku:

- 1° ugize Inama y'Ubutegetsu bw'isosiyeti, umukozi, ushinzwe gukurikirana ibikorwa by'isosiyeti, umunyamigabane w'isosiyeti, nyir'umugabane nguzanyo cyangwa uhagarariye ufite imigabane nguzanyo;

- 1° makes or authorizes the making of, the document that is false or misleading;
- 2° deliberately omits or authorizes the omission of any matter whose omission makes the document false or misleading on an important matter;

shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to two million (2,000, 000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 343: Submitting a false document or report

Any director or employee of a company who intentionally makes or authorizes the making of a false or misleading document or report on activities of a company by:

- 1° any of the members of the board of directors, employee, inspector, shareholder, debenture holder, or trustee for debenture holders of the company;

- 1° produit ou autorise la production d'un faux document ou qui est susceptible d'induire en erreur;
- 2° intentionnellement omet ou autorise l'omission d'un fait dont l'absence a pour effet de rendre le document faux et qui risque d'induire en erreur sur un élément essentiel;

est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 343 : Fournir un faux document ou un faux rapport

Tout directeur ou employé de société qui intentionnellement produit ou autorise la production d'un faux document ou d'un faux rapport portant sur les activités de la société, par:

- 1° un administrateur, un employé, un inspecteur, un actionnaire, un obligataire, ou un mandataire d'obligataire;

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

2° ushinzwe igabagabana ry'umutungo w'isosiyeti yasheshwe, komite ishinzwe igabagabana ry'umutungo w'isosiyeti yasheshwe, ugomba guhabwa ibintu by'isosiyeti cyangwa ushinzwe kubicunga;

3° ugize Inama y'Ubutegetsi, umukozi cyangwa ushinzwe gukurikirana ibikorwa by'isosiyeti ishamikiyeho iyo isosiyeti ishamikiye ku yindi;

4° isoko ry'imigabane cyangwa umukozi w'iguriro ry'imigabane;

ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 344: Imikoreshereze mibi n'iyonona by'umutungo w'isosiyeti birimo uburiganya

Umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyeti, umukozi cyangwa umunyamigabane w'isosiyeti:

1° ukoresha mu buriganya umutungo w'isosiyeti ku nyungu ze bwite cyangwa

2° a liquidator, liquidation committee or receiver or manager of property of the company;

3° where the company is a subsidiary, a member of the board of directors, employee or inspector of its holding company;

4° a stock exchange or an officer of a stock exchange;

shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to two (2) years and a fine of one million (1,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 344: Fraudulent use and destruction of company's property

Any of the members of the board of directors, employee or shareholder of a company who:

1° fraudulently uses the property of the company for his/her own benefit or for

2° un liquidateur, un comité de liquidation, un bénéficiaire ou gérant des biens de la société;

3° lorsque la société est une filiale, un administrateur, un employé ou inspecteur de la société mère;

4° la bourse ou un agent de la bourse;

est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à deux (2) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 344: Utilisation et destruction frauduleuses des biens de la société

Tout administrateur, employé ou actionnaire d'une société qui:

1° utilise frauduleusement ou fait usage

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

uwukoresha ku zindi mpamvu zinyuranyije n'izo wari ugenewe;

2° utuma habaho ibura cyangwa iyonona ry'umutungo w'isosiyeti mu buryo bw'uburiganya;

ahanishwa, igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 345: Guhindura inyandiko zo mu gitabo

Umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi, umukozi, cyangwa umunyamigabane w'isosiyeti, uba, agamije ubwambuzi bushukana cyangwa kubeshya umuntu:

1° wonona, uvana, uca, uhindura, wigana cyangwa ugira uruhare mu iyonona, mu icibwa, mu ihindura ry'igitabo, rya raporo y'umutungo, ry'urupapuro cyangwa indi nyandiko y'isosiyeti cyangwa ifitanye isano n'isosiyete;

2° ukora cyangwa ugira uruhare mu ikorwa ry'inyandiko mpimbano mu gitabo,

a purpose other than the intended use;

2° fraudulently conceals or destroys any property of the company;

shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to two (2) years and a fine of one million (1,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 345: Falsification of records

Any of the members of the board of directors, employee or shareholder of a company who, with intent to defraud or deceive a person:

1° destroys, displaces, tears, alters, falsifies or is a party to the destruction, tearing, alteration, or falsification of any register, accounting records, paper or other document belonging or relating to the company;

2° makes or is a party to the making of a false entry in any register, accounting

des biens sociaux pour son intérêt personnel ou à des fins autres que ceux dont ils sont destinés;

2° frauduleusement fait disparaître ou détruit un bien de la société ;

est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à deux (2) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 345: Falsification des registres

Tout administrateur, employé ou actionnaire de la société qui, avec intention d'escroquer ou tromper une personne:

1° détruit, déplace, déchire, change ou falsifie ou prend part à la destruction, au déchirement, au changement d'un registre, d'un rapport comptable, papier ou autre document appartenant ou relatif à la société;

2° produit ou prend part à la production

raporo y'umutungo, igitabo cy'umutungo, cyangwa indi nyandiko y'isosiyete cyangwa se ifitanye isano n'isosiyete;

records, book, or other document belonging or relating to the company;

d'une fausse inscription dans un registre, rapport comptable, livre ou autre document appartenant ou relatif à la société;

ahanishwa, igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) kugeza kuri miliyoni zirindwi (7.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to two (2) years and a fine of two million (2,000,000) to seven million (7,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à deux (2) ans et d'une amende de deux millions (2.000.000) à sept millions (7.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Ingingo ya 346: Gukoresha inyandiko y'uburiganya

Article 346: Using a fraudulent document

Article 346: Utilisation d'un document frauduleux

Umuntu wese, yifashishije igikoresho cy'ubukanishi, mudasobwa cyangwa ikindi gikoresho icyo aricyo cyose gikoreshwa mu ibikwa cyangwa itegurwa ry'igitabo icyo ari cyo cyose, raporo z'umutungo, igitabo, urupapuro cyangwa ibindi bitabo cyangwa indi nyandiko y'isosiyeti:

Any person who, using a mechanical, electronic, or other device used in connection with the keeping or preparation of any register, accounting book, paper or other books or documents belonging to a company:

Toute personne qui, à l'aide d'un instrument mécanique, informatique ou tout autre instrument utilisé pour la tenue ou la préparation de tout registre, rapports comptables, livre, papier ou autres livres ou documents appartenant à la société :

1° wandika cyangwa utuma haboneka ku bushake, inkuru mpimbano ireba ikintu cy'ingirakamaro;

1° intentionally records or makes available false information on important matter;

1° enregistre ou rend disponible de manière intentionnelle une fausse information portant sur un élément essentiel;

2° wonona abizi, ukuraho, uhindura amakuru yanditse, abitse wirengagiza kuyandika cyangwa kuyabika ku bushake;

2° knowingly destroys, removes or falsifies any information recorded or stored, or intentionally omits to record or store it;

2° détruit sciemment, élimine ou falsifie une information inscrite ou enregistrée ou intentionnellement

ahanishwa, igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) kugeza kuri miliyoni zirindwi (7.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 347: Gukora imirimo y'ubucuruzi mu buriganya

Umuntu wese uri mu isosiyeti ukora ibikorwa agamije kwambura akoresheje ubushukanyi abo isosiyeti ibereyemo imyenda cyangwa undi muntu wese, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) kugeza kuri miliyoni zirindwi (7.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 348: Ibihano ku bikorwa by'uburiganya

Umuntu wese mu bagize Inama y'Ubutegetsisi y'isosiyeti:

1° wiyitirira umwanya adafite cyangwa ubundi buryo bw'uburiganya, bituma umuntu aha isosiyeti amafaranga;

shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to two (2) years and a fine of two million (2,000,000) to seven million (7,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 347: Fraudulent business acts

Any person who is a party to a company doing business with intent to defraud creditors of the company or any other person, shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year and a fine of two million (2,000,000) to seven million (7,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 348: Penalties for fraudulent acts

Any of the members of the board of directors of a company who :

1° by impersonation or other fraud induces a person to give credit to the company;

omet d'inscrire ou d'enregistrer l'information;

est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à deux (2) ans et d'une amende de deux millions (2.000.000) à sept millions (7.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 347: Exercice frauduleux des activités commerciales

Toute personne qui, faisant partie d'une société, exerce des activités avec l'intention d'escroquer les créanciers de la société ou toute autre personne, est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an et d'une amende de deux millions (2.000.000) à sept millions (7.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 348: Peines pour les actes frauduleux

Tout administrateur d'une société qui :

1° par l'utilisation de fausses qualités ou d'autres moyens frauduleux

2° wambura akoresheje ubushukanyi abo isosiyeti ibereyemo imyenda:

- a. utanga cyangwa uhererekanya umutungo w'isosiyeti cyangwa utuma ufatwaho ubugwate ku cyimukanwa cyangwa ku kitimukanwa mu nyungu z'undi muntu;
- b. ufasha kugira ngo umutungo uhabwe cyangwa uhererekanywe ku muntu;
- c. utuma cyangwa ugira uruhare mu irangiza rubanza rishingiye ku mutungo w'isosiyete;

ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Icyiciro cya 4: Ibyaha byerekeye isoko ry'imari n'imigabane

Ingingo ya 349: Ibisobanuro by'amagambo

Muri uyu Mutwe, amagambo akurikira afite

2° defrauds creditors of the company:

- a. by giving, transferring, or causing a charge to be given on property of the company to another person;
- b. causing property to be given or transferred to any person;
- c. causing or being a party to an execution levied against any property of the company;

shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to two (2) years and a fine of two million (2,000,000) to ten million (10,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Section 4: Offences against capital market

Article 349: Definitions of terms

Under this Chapter, the following terms shall

détermine une personne à avancer des fonds à la société;

2° escroque les créanciers de la société:

- a. en donnant, transférant, ou faisant prendre en gage ou hypothèque au profit d'une autre personne, un bien appartenant à la société;
- b. en donnant l'occasion qu'un bien soit donné ou transféré à une personne;
- c. en occasionnant ou prenant part à une exécution sur un bien de la société;

est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à deux (2) ans et d'une amende de deux millions (2.000.000) à dix millions (10.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Section 4: Infractions relatives au marché des capitaux

Article 349: Définitions des termes

ibisobanuro bikurikira:

- 1° Umuntu ucuruza yamenye ibanga mbere y'abandi ni ukoresha mu bucuruzi iryo banga mu kugura cyangwa kugurisha ibicuruzwa birebwa n'ibanga yamenye kandi bikagira ingaruka ku biciro.
- 2° Umuntu ufite amakuru y'ibanga yitwa ko yakoresheje iryo banga mu bucuruzi ku isoko ry'imari n'imigabane iyo:
 - a. ashishikarije undi muntu kugura cyangwa kugurisha, uwo muntu yaba azi cyangwa atazi ko ayo makuru yagira ingaruka ku biciro ku isoko;
 - b. ahaye undi muntu amakuru ajyanye n'akazi ke cyangwa umwuga we, akayakoresha ku isoko ry'imari n'imigabane ku buryo byagira ingaruka ku biciro.

3° Inkuru ikiri ibanga ni inkuru ifite ingaruka ku giciro ku isoko ry'imari n'imigabane kandi irebana n'ibi bikurikira:

have the following meaning:

- 1° An individual who engages in insider dealing is a person who uses insider information to deal in capital market instruments which can influence the prices on the capital market.
- 2° An individual who has insider information is deemed to have used the information to deal in the capital market if:
 - a. he/she encourages another person to deal in the capital market instruments whether or not that other person knows that the information is price sensitive ;
 - b. he/she discloses the information of his/her employment or profession to another person and that person uses that information in dealing in capital market instruments that are price sensitive.
- 3 ° Inside information means information which is price-sensitive in relation to capital market instruments and which:

Aux fins du présent chapitre, les termes ci-après ont les significations suivantes :

- 1° Une personne réputée s'être engagée dans les opérations d'initié est celle qui se sert d'une information privilégiée en négociant les instruments du marché des capitaux et qui peut influencer les prix sur le marché.
- 2° Une personne qui détient une information privilégiée est réputée s'être servie de cette information dans les transactions sur le marché de capitaux si :
 - a. elle encourage une autre personne à négocier les instruments afférents au marché de capitaux, que cette personne sache ou pas que cette information est susceptible d'avoir une influence sur le cours du marché ;
 - b. elle divulgue une information sur son emploi ou sa profession à une autre personne qui utilise cette information pour négocier les instruments afférents au marché de capitaux ayant une influence sur le cours du marché.
- 3 ° Une information privilégiée signifie une information qui a une influence sur le cours

| | | |
|---|--|---|
| | | des instruments afférents au marché des capitaux si cette information: |
| a. ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane cyangwa isosiyete ishaka gushyira imigabane ku isoko; | a. relates to capital market instruments or an issuer thereof; | a. est en relation avec les instruments afférents au marché des capitaux ou leur émetteur ; |
| b. inkuru yihariye cyangwa y'imvaho itarashyirwa ahagaragara kugira ngo imenywe n'abantu bose; | b. is specific or authentic and has not been made public; | b. est spécifique ou authentique et n'a pas encore été rendue publique ; |
| c. iramutse ishyizwe ahagaragara mbere yagira ingaruka ku biciro ku isoko ry'imari n'imigabane. | c. if made public would likely have an effect on the price of a capital market instruments. | c. aurait, si elle était rendue publique, un effet sur le cours des instruments du marché des capitaux. |
| 4° Uwamenye ibanga mbere y'abandi ni umuntu uba: | 4° A person has information deemed inside information if: | 4 ° Une personne détient une information réputée privilégiée si : |
| a. azi neza ko afite amakuru y'isoko mbere y'abandi bose; | a. he/she knows well that it is an inside information; | a. elle sait bien qu'il s'agit d'une information privilégiée ; |
| b. afite ayo makuru kandi azi ko yaturutse ku muntu wayamenye mbere y'abandi. | b. he/she has the inside information and is sure he/she got it from an inside source. | b. elle la détient et elle sait bien qu'elle émane d'une source privilégiée. |
| 5 ° Umuntu aba afite amakuru y'ibanga iyo: | 5 ° A person has inside information if: | 5 ° Une personne détient une information privilégiée si : |
| a. umuntu ayamenye kubera ko ari umwe mu bagize inama y'ubuyobozi, umukozi cyangwa ufite imigabane muri sosiyete ishaka kugurisha imigabane ku isoko ry'imari | a. the person knows the inside information through being a board member, employee or shareholder of an issuer of capital market instruments; | a. elle obtient cette information en sa qualité d'administrateur, employé ou actionnaire d'un émetteur d'instruments afférents au marché de |

n'imigabane;

- b. yayamenye biturutse ku kazi akora, umwanya afite mu kazi cyangwa umwuga we;
- c. yayamenye ku buryo buziguye cyangwa butaziguye biturutse ku muntu uvugwa mu gace ka 1° n'aka 2° tw'iki gika.

Ingingo ya 350: Gukora imirimo y'isoko ry'imari n'imigabane utabifitiye uburenganzira

Umuntu wese ukora cyangwa witwara nk'ukora imirimo yerekeye isoko ry'imari n'imigabane adafite icyemezo cyangwa atemerewe, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni cumi n'eshanu (15.000.000) kugeza kuri miliyoni mironko itanu (50.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 351: Gukoresha umuntu wakuwe ku rutonde rw'abanyamwuga

Umuntu wese ukoresha umuntu yakuwe ku rutonde rw'abanyamwuga ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda angana

- b. the person has access to the inside information by virtue of his/her employment, office or profession;
- c. the direct or indirect source of this information is a person referred to under items 1° and 2° of this Paragraph.

Article 350: Conducting capital market business without a licence or approval

Any person who carries out or purports to carry out capital market business without a licence or approval shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of fifteen million (15,000,000) to fifty million (50,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 351: Employing a disqualified professional

Any person who employs a disqualified professional shall be liable to a fine of five million (5,000,000) Rwandan francs.

capitaux ;

- b. elle a accès à cette information en raison de son emploi, ses fonctions ou sa profession ;
- c. la source directe ou indirecte de cette information est une personne visée aux points 1 et 2 du présent alinéa.

Article 350: Exercer les activités sur le marché des capitaux sans licence ni autorisation

Toute personne qui opère ou se présente comme opérateur sur le marché des capitaux sans licence ni autorisation, est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de quinze millions (15.000.000) à cinquante millions (50.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 351: Emploi d'un agent de profession disqualifié

Toute personne qui accepte d'employer un agent de profession disqualifié est passible

na miliyoni eshanu (5.000.000).

Ingingo ya 352: Imikorere n'amakuru biyobya

Tout agent de l'Etat qui met ou maintient une personne en détention ou en prison, sans ordonnance ou jugement établi conformément à la loi, est passible d'une peine d'emprisonnement égal à celle que la personne détenue illégalement a déjà purgée et d'une amende de cent mille (100.000) à un million (1,000,000) de francs rwandais.

Article 669: Introduction dans le domicile d'autrui sans son autorisation

Toute personne dépositaire de l'autorité publique ou chargée d'une mission de service public, qui s'introduit ou tente de s'introduire dans le domicile d'autrui contre le gré de celui-ci, sauf les cas prévus par la

bihe biteganyijwe n'itegeko, ahanishwa igifungo kuva ku mezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi mirongo itanu (50.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

UMUTWE WA IV: IBYAHA BIHUNGABANYA UMUDENDEZO W'IGIHUGU

Icyiciro cya mbere: Ibyaha byerekeye intwaro

Ingingo ya 670: Igisobanuro cy'intwaro

Intwaro zivugwa muri iki cyiciro ni imbunda n'amamasu yazo, gerenade n'ibindi byose biturika bikoreshwa nk'intwaro.

Ingingo ya 671: Gutunga intwaro, kuyicuruza, kuyikora, guhindura ibimenyetso by'intwaro, gukwirakwiza no kwinjiza intwaro

Umuntu wese utunga intwaro, uyitiza, uyitanga, uhindura ibimenyetso byayo mu buryo ubwo ari bwo bwose, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atatu

term of imprisonment of two (2) months but less than six (6) months and a fine of fifty thousand (50,000) to five hundred thousand (500,000) Rwandan francs or one of these penalties.

CHAPTER IV: OFFENCES AGAINST PUBLIC SECURITY

Section One: Offences related to arms

Article 670: Definition of arms

Arms mentioned in this Section means guns and their ammunition, grenades and any other explosive used as arms.

Article 671: Possessing, selling, manufacturing, falsification of identification marks, distribution and importing arms

Any person who illegally possesses, lends or gives an arm, or falsifies its identification marks, shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year and a fine of three hundred thousand (300,000) to three million (3,000,000)

loi, est passible d'une peine d'emprisonnement de deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cinquante mille (50.000) à cinq cent mille (500.000) francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

CHAPITRE IV: INFRACTIONS CONTRE LA SECURITE PUBLIQUE

Section première: Infractions en rapport avec les armes

Article 670: Définition d'armes

Les armes visées à la présente section sont les fusils et leurs munitions, les grenades et tout autre explosif, utilisé comme arme.

Article 671: Détention, vente, fabrication, falsification de marquage, distribution et importation des armes

Toute personne qui, illégalement, détient, prête ou donne une arme, ou falsifie son marquage de quelque manière que ce soit, est passible d'une peine d'emprisonnement de six (6) mois à un (1) an et d'une amende de trois cent mille (300.000) à trois millions

(300.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Umuntu wese winjiza, utunda, ucuruza, ukora n'ukwirakwiza, mu buryo butemewe n'amategeko, ku buryo ubwo ari bwo bwose intwaro cyangwa ibice byazo, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

Iyo ibyaha bivugwa mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo bikozwe ku rwego mpuzamahanga, uwabikoze ahanishwa igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

Ingingo ya 672: Guta intwaro, gutuma zibwa cyangwa zangirika kubera uburangare

Umuntu wese wemerewe n'amategeko gutunga intwaro, uyita ku bw'uburangare, ahanishwa igifungo kuva ku mezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva

Rwandan francs or one of these penalties.

Any person who illegally and in any way imports, stocks, sells, manufactures or distributes arms, or their parts, shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years and a fine of five hundred thousand (500.000) to five million (5.000.000) Rwandan francs.

If offences under Paragraphs One and 2 of this Article are committed at international level, the offender shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years and a fine of one million (1.000.000) to five million (5.000.000) Rwandan francs.

Article 672: Loss, causing theft or destruction of arms due to negligence

Any person who legally possesses an arm, and loses it by negligence, shall be liable to a term of imprisonment of two (2) months but less than six (6) months and a fine of fifty thousand (50,000) to five hundred thousand

(3.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Toute personne qui, illégalement et par tout moyen, importe, stocke, vend, fabrique ou distribue les armes ou leurs pièces, est passible d'une peine d'emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

Lorsque les infractions prévues aux alinéas premier et 2 du présent article sont commises au niveau international, l'auteur est passible d'un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

Article 672: Perdre, causer le vol ou la détérioration des armes suite à la négligence

Toute personne autorisée par la loi à détenir une arme, qui la perd par négligence, est passible d'une peine d'emprisonnement de deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cinquante mille (50.000) à

ku bihumbi mironko itanu (50.000) kugeza (500,000) Rwandan francs or one of these cinq cent mille (500.000) francs rwandais ou ku bihumbi magana atanu (500.000) penalties. de l'une de ces peines seulement. cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Umuntu wese ushinzwe gucunga ububiko bw'intworo ku bw'uburangare agatuma zibwa, zangirika cyangwa zisohoka mu bubiko mu buryo bunyuranyije n'amategeko, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Any person in charge of an armoury, who due to negligence causes theft, destruction or illegal removal of the arms from such armoury, shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year and a fine of two hundred thousand (200.000) to one million (1.000.000) Rwandan francs or one of these penalties.

Toute personne chargée de la garde d'un arsenal des armes, qui, par négligence, occasionne leur vol, leur détérioration ou leur sortie illégale du stock, est passible d'une peine d'emprisonnement de six (6) mois à un (1) an et d'une amende de deux cent mille (200.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Ingingo ya 673: Gukoresha intworo mu buryo bunyuranyije n'amategeko

Article 673: Illegal use of an arm

Article 673: Utilisation illégale d'une arme

Umuntu wese ugendana intworo, urasa cyangwa uyikoresha mu buryo ubwo ari bwo bwose bunyuranyije n'amategeko, ahantu hatuwe cyangwa hafi yaho, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atatu (300.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Any person who illegally carries, fires or uses an arm in any way in a residential area or its neighbourhood, shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of three hundred thousand (300,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs, or one of these penalties.

Toute personne qui, illégalement, se promène avec une arme, tire ou utilise une arme de toute manière que ce soit, dans une zone résidentielle ou ses alentours, est passible d'une peine d'emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de trois cent mille (300.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Ingingo ya 674 : Kwandarika, gutiza, gutanga cyangwa guta imbunda

Umuntu wese wandarika, utiza, utanga cyangwa uta imbunda, ahanishwa igifungo kuva ku kwezi kumwe (1) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 675: Gutanga amakuru atari yo cyangwa kwanga kuyatanga ugamije kubona uruhushya rwo gutunga no kugendana imbunda

Umuntu wese utanga amakuru atari yo cyangwa wanga gutanga amakuru agamije kubona uruhushya rwo gutunga no kugendana imbunda, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 676: Ibikorwa bifatwa nk'ibyaha by'ubugome

Ibi bikorwa bikurikira bifatwa nk'ibyaha by'ubugome:

Article 674: Exposing, lending, giving away or losing a firearm

Any person, who exposes, lends, gives away or loses a firearm, shall be liable to a term of imprisonment of at least one (1) month but less than six (6) months and a fine of one hundred thousand (100,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 675: Providing false information or refusing to give information with the aim of obtaining a license for possession and carriage of a firearm

Any person, who provides false information or refuses to provide information with the aim of obtaining a license for possession or carriage of a firearm, shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year and a fine of one hundred thousand (100,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 676: Acts considered as felonies

The following acts shall be considered as felonies:

Article 674: Exposer, prêter, donner ou perdre une arme à feu

Toute personne qui expose, prête, donne ou perd une arme à feu, est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins un (1) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cent mille (100.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 675: Fournir de fausses informations ou refuser de donner des informations en vue d'obtenir le permis de détention et de port d'arme à feu

Toute personne qui fournit de fausses informations ou s'abstient de fournir des informations en vue d'obtenir le permis de détention et de port d'arme à feu, est passible d'une peine d'emprisonnement de six (6) mois à un (1) an et d'une amende de cent mille (100.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 676: Actes considérés comme des crimes

Les actes repris ci-après sont considérés comme des crimes :

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

- | | | | |
|----|--|---|---|
| 1° | gukora intwaro utabifitiye uruhushya cyangwa gukora imbunda zitemewe; | 1° illegal manufacturing of arms or manufacturing of prohibited firearms; | 1° la fabrication illégale d'armes ou la fabrication d'armes à feu interdites; |
| 2° | kwinjiza no kubika intwaro utabyemerewe cyangwa zitemewe; | 2° importing and storing arms without authorization or importing unauthorized arms; | 2° l'importation et dépôt d'armes de façon illégale ou l'importation ou dépôt d'armes interdites; |
| 3° | gucuruza intwaro utabifiye uburenganzira cyangwa izitemewe; | 3° illegal trafficking in arms or trafficking in prohibited arms; | 3° le commerce illégal d'armes ou le commerce d'armes interdites; |
| 4° | gusiba cyangwa guhindura ibimenyetso biranga intwaro; | 4° erase or falsification of identification marks of arms; | 4° l'effacement ou la falsification du marquage d'armes; |
| 5° | gukwirakwiza mu buryo butemewe n'amategeko intwaro, amasasu n'ibindi bizikoreshwamo. | 5° illegal proliferation of arms, ammunition and other related materials. | 5° la prolifération illégale d'armes, munitions et autres matériels connexes. |

Umuntu wese ufatirwa muri kimwe mu bikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka makumyabiri n'itanu (25) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000) akamburwa kandi n'icyemezo cyamwemereraga gukora icyo gikorwa igihe yari agifite.

Any person who commits one of the acts mentioned in Paragraph One of this Article, shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to twenty five (25) years and a fine of two million (2,000,000) to ten million (10,000,000) Rwandan francs in addition to having his/her license revoked.

Toute personne qui commet l'un des actes annoncés à l'alinéa premier du présent article est passible d'un emprisonnement de dix (10) ans à vingt cinq (25) ans et d'une amende de deux millions (2.000.000) à dix millions (10.000.000) de francs rwandais et se voit également retirer son permis s'il en avait un.

Ibi bihano ni na byo bihabwa kandi umuntu wese ufasha cyangwa worohereza undi gukora ibikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

The same penalties shall also apply to any person who supports or facilitates the commission of the acts under Paragraph One of this Article.

Ces peines s'appliquent également à toute personne qui facilite ou aide à la commission des actes visés à l'alinéa premier du présent article.

Ingingo ya 677: Gusana intwaro zitagikoreshwa utabifitiye uburenganzira

Umuntu wese usana, atabifitiye uburenganzira, intwaro zitagikoreshwa, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 678: Kohereza intwaro mu karere karimo intambara cyangwa mu gihugu cyakomanyirijwe

Umuntu wese wohereza intwaro, amasasu n'ibindi bizikoreshwamo mu karere karimo intambara cyangwa mu gihugu cyakomanyirijwe muri urwo rwego n'Akanama Gashinzwe Umutekano ku Isi cyangwa n'Imiryango u Rwanda rurimo, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshanu (5.000.000) kugeza kuri miliyoni mirongo itanu (50.000.000). Yamburwa kandi uburenganzira bwo gucuruza imbunda.

Article 677: Repairing arms which are out of service without license

Any person, who repairs arms which are out of service without license, shall be liable to a term imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of one hundred thousand (100,000) to two million (2,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 678: Exporting arms to an area of armed conflict or a country under embargo

Any person who exports arms, ammunition and other related materials to an area of armed conflict or to a country under arm embargo imposed by the United Nations Security Council, or by organizations of which Rwanda is a member, shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years and a fine of five million (5,000,000) to fifty million (50,000,000) Rwandan francs in addition to having his/her arm dealer license revoked.

Article 677: Réparation sans permis d'armes hors d'usage

Toute personne qui, sans permis répare les armes qui sont hors d'usage, est passible d'une peine d'emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de cent mille (100.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 678: Exportation des armes vers une zone de conflit armé ou vers un pays sous embargo

Toute personne qui exporte les armes, les munitions et autres matériels connexes vers une zone de conflit armé ou un pays sous embargo sur les armes imposé par le Conseil de Sécurité des Nations Unies ou par les organisations dont le Rwanda est membre, est passible d'une peine d'emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d'une amende de cinq millions (5.000.000) à cinquante million (50.000.000) de francs rwandais et se voit retirer son permis de vente d'armes.

Ingingo ya 679: Gukoresha imbunda mu buryo butemewe

Umuntu wese, ukoresha imbunda mu buryo butemewe abitewe n'ubusinzi cyangwa ibiyobyabwenge, uwanga kwereka ababashinzwe imbunda cyangwa ibyangombwa byayo, uwanga kuyishyikiriza ubuyobozi bubishinzwe igihe yabitegetswe, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi mirongo itanu (50.000) kugeza ku bihumbi magana abiri na mirongo itanu (250.000).

Ingingo ya 680: Ikoreshwa ry'intwaro za kirimbuzi, zihumanya, iz'uburozi, izica ibinyabuzima n'iz'ubumara

Umuntu wese ukoresha intwaro za kirimbuzi, zihumanya, iz'uburozi, izica ibinyabuzima n'iz'ubumara, ahanishwa igifungo kuva ku myaka makumyabiri (20) kugeza ku myaka makumyabiri n'itanu (25).

Icyiciro cya 2: Imitwe y'abagizi ba nabi

Ingingo ya 681: Kurema umutwe w'abagizi ba nabi

Kurema umutwe, ugamije kugirira nabi abantu cyangwa ibyabo, hatitawe ku mubare

Article 679: Illegal use of a firearm

Any person who, illegally uses a firearm under the influence of alcohol or drugs, refuses to surrender a firearm or related documents to relevant authorities or to surrender the firearm to relevant authorities when required, shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year and a fine of fifty thousand (50,000) to two hundred and fifty thousand (250,000) Rwandan francs.

Article 680: Use of nuclear, chemical, biological and toxic weapons

Any person who uses nuclear, chemical, biological and toxic weapons shall be liable to a term of imprisonment of twenty (20) years to twenty five (25) years.

Section 2: Criminal gangs

Article 681: Formation of a criminal gang

To form an association, regardless of its duration or number of members, for the

Article 679: Usage illégal d'arme à feu

Toute personne qui utilise illégalement une arme à feu sous l'effet de l'alcool ou de la drogue, refuse d'exhiber une arme à feu ou les documents d'identification d'une arme à feu ou refuse de remettre l'arme à feu à l'autorité compétente lorsqu'elle l'exige, est passible d'une peine d'emprisonnement de six (6) mois à un (1) an et d'une amende de cinquante mille (50.000) à deux cent cinquante mille (250.000) francs rwandais.

Article 680: Utilisation des armes nucléaires, chimiques, biologiques et toxiques

Toute personne qui utilise les armes nucléaires, chimiques, biologiques et toxiques est passible d'une peine d'emprisonnement de vingt (20) ans à vingt cinq (25) ans.

Section 2: Associations de malfaiteurs

Article 681: Formation d'une association de malfaiteurs

Former une association, quel que soit le nombre de ses membres ou sa durée, dans le

w'abawugize cyangwa igihe uzamara, ni icyaha cy'ubugome.

Ingingo ya 682: Ibihano byo kurema no gutunganya umutwe w'abagizi ba nabi

Umuntu wese urema umutwe w'abagizi ba nabi, uwutunganya, uwoshya abandi kuwujyamo cyangwa umuyobozi wawo ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7).

Mu gihe cy'isubiracyaha, igihano kiba igifungo kuva ku myaka cumi n'itanu (15) kugeza ku myaka makumyabiri (20).

Ingingo ya 683: Gufasha kurema umutwe w'abagizi ba nabi

Umuntu wese ufasha, mu buryo ubwo ari bwo bwose mu kurema umutwe w'abagizi ba nabi, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5).

Mu gihe cy'isubiracyaha, igihano kiba igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7).

purpose of preparing offences against persons or property, is a felony.

Article 682: Penalties for forming and organizing a criminal gang

Any person who forms, organises, promotes or leads a criminal gang shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years.

In case of recidivism, the term of imprisonment shall be fifteen (15) years to twenty (20) years.

Article 683: Aiding the formation of a criminal gang

Any person, who aids, in any way, the formation of a criminal gang, shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years.

In case of recidivism, the penalty shall be imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years.

but de porter atteinte aux personnes ou aux propriétés, est un crime.

Article 682: Peines pour formation et organisation d'une association de malfaiteurs

Toute personne qui forme une association de malfaiteurs, l'organisateur, l'instigateur ou le chef de cette association est passible d'une peine d'emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans.

En cas de récidive, la peine est portée à un emprisonnement est de quinze (15) ans à vingt (20) ans.

Article 683: Contribution à la formation d'une association de malfaiteurs

Toute personne qui contribue, de quelque manière que ce soit, à la formation d'une association de malfaiteurs, est passible d'une peine d'emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans.

En cas de récidive, la peine est portée à un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans.

Icyiciro cya 3: Imyigaragambyo mu nzira nyabagendwa cyangwa inama ikoreshejwe ku mugaragaro mu buryo bunyuranyije n'amategeko

Ingingo ya 684: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko ngenga :

Ukwigaragambya ni igikorwa cy'agatsiko k'abantu bateraniye ahantu hahurirwa n'abantu benshi, kugirango berekane ikibari ku mutima cyangwa icyo batekereza, bavuga, bagira icyo bakora cyangwa basakuza.

Inama ku mugaragaro ni inama yose rubanda rwemerewe kuzamo cyangwa rwatumiwemo.

Ingingo ya 685: Ibihano by'icyaha cyo kwigaragambya cyangwa gukoresha inama mu buryo bunyuranyije n'itegeko

Umuntu wese ukoresha inama ku mugaragaro cyangwa ukwigaragambya mu nzira nyabagendwa atabimenyesheje inzego bireba ahanishwa igifungo kuva ku minsi umunani (8) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza kuri

Section 3 : Illegal demonstration on public ways or public gathering

Article 684: Definitions of terms

For the purpose of this Organic Law:

A demonstration means a group of people gathered in a public place with intent to demonstrate their opinion or point of view by means of a number of actions or shouting.

A public gathering means a meeting open for the public or in which the public is invited.

Article 685: Penalties for illegal demonstration or public gathering

Any person who holds a public meeting or demonstration on public ways without notifying the competent authority shall be liable to a term of imprisonment of eight (8) days but less than six (6) months and a fine of one hundred thousand (100,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs or one of

Section 3 : Manifestation sur la voie publique ou réunion publique illégale

Article 684: Définitions des termes

Aux fins de la présente loi organique:

Une manifestation est un fait mené par un groupe de personnes rassemblées sur une place publique pour manifester leur opinion ou leur point de vue par des actions variés ou slogans.

Une réunion publique est tout rassemblement ouvert au grand public ou auquel celui-ci est invité.

Article 685 : Peines pour manifestation ou réunion publique illégales

Toute personne qui tient une réunion publique ou une manifestation sur la voie publique sans notification préalable de l'autorité compétente est passible d'un emprisonnement de huit (8) jours mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cent mille (100.000) à un million (1.000.000)

miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Iyo uwakoresheje inama ku mugaragaro cyangwa ukwigaragambya mu nzira nyabagendwa yari yabibujijwe n'urwego bireba, igihano kiba igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Mu gihe umuntu akoresheje inama ku mugaragaro cyangwa ukwigaragambya mu nzira nyabagendwa atabimenyesheje inzego bireba bigahungabanya umutekano, ituze cyangwa ubuzima, igihano kiba igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Mu gihe umuntu akoresheje inama ku mugaragaro cyangwa ukwigaragambya mu nzira nyabagendwa bigahungabanya umutekano, ituze cyangwa ubuzima yari yabimenyesheje inzego bireba zikabimubaza, igihano kiba igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu

these penalties.

If a person holds a public meeting or demonstration on public ways despite refusal by a competent authority, that person shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year and a fine of two hundred thousand (200,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

If a person holds a public meeting or demonstration on public ways without notifying the competent authority and impairs security, order or public health, that person shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of two million (2,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

If a person holds a public meeting or demonstration on public ways after refusal by a competent authority and impairs security, order or public health, that person shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to three (3) years and a fine of two million (2,000,000) to five million

de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Si une personne tient une réunion publique ou une manifestation sur la voie publique malgré le refus notifié de l'autorité compétente, cette personne est passible d'une peine d'emprisonnement de six (6) mois à un (1) an et d'une amende de deux cent mille (200.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Si une personne tient une réunion publique ou une manifestation sur la voie publique sans notification préalable de l'autorité compétente et qu'une telle réunion ou manifestation porte atteinte à la sécurité, à l'ordre public et à la santé publique, cette personne est passible d'une peine d'emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de deux millions (2.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Si une personne tient une réunion publique ou une manifestation sur la voie publique malgré le refus notifié de l'autorité compétente et qu'une telle réunion ou manifestation porte atteinte à la sécurité, à l'ordre public et à la santé publique, cette personne est passible d'une peine

y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

Icyiciro cya 4: Ibyaha byerekeranye no gushinga, kuyobora cyangwa kwiyitirira umutwe wa Politiki utemewe n'amategeko

Ingingo ya 686: Gushinga no kuyobora umutwe wa politiki mu buryo bunyuranije n'itegeko

Umuntu wese ushinga cyangwa uyobora umutwe wa politiki mu buryo bunyuranije n'itegeko, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Umuntu wese uyobora cyangwa wiyitirira umutwe wa politiki wakomeje ibikorwa byawo mu gihe wahagaritswe cyangwa ukaba warongeye gusubirana nyuma y'iseswa ryawo, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

(5,000,000) Rwandan francs.

Section 4: Offences of forming or leading or claiming to lead an illegal political organization

Article 686: Illegal formation and leadership of a political organization

Any person who, illegally forms or leads a political organization shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to two million (2,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Any person who leads or claims to belong to a political organization that continues its activities while under suspension or that resumes itself after dissolution, shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years and a fine of two million (2,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs.

d'emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans et d'une amende de deux millions (2.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

Section 4: Infractions relatives à la formation, à la direction ou à la prétention de diriger une formation politique non reconnue par la loi

Article 686: Formation et direction d'une formation politique contrairement à la loi

Toute personne qui forme ou dirige une formation politique contrairement à la loi, est passible d'une peine d'emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Toute personne qui dirige ou se réclame d'une formation politique qui poursuit ses activités malgré sa suspension ou d'une formation politique qui s'est reconstituée après sa dissolution, est passible d'une peine d'emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans et d'une amende de deux millions (2.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

Icyiciro cya 5: Ubuzererezi n’ubusabirizi

Ingingo ya 687: Igisobanuro cy’ijambo ubuzererezi

Ubuzererezi ni imyifatire y’umuntu utagira aho aba hazwi kandi utagira icyo akora cyemewe ari umwuga cyangwa umurimo, ku buryo bihungabanya umudendezo rusange.

Ingingo ya 688: Ibihano ku cyaha cy’ubuzererezi

Umuntu wese ukora icyaha cy’ubuzererezi ahanishwa igifungo kuva ku mezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n’ihazabu y’amafaranga y’u Rwanda kuva ku bihumbi icumi (10.000) kugeza ku bihumbi ijana (100.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 689: Igisobanuro cy’ubusabirizi

Ubusabirizi ni imyifatire y’umuntu wagize gusabiriza umwuga.

Section 5: Vagrancy and begging

Article 687: Definition of vagrancy

Vagrancy means behaviour of a person who has no fixed abode and has no regular occupation or profession, in the way that it impairs public order.

Article 688: Penalties for vagrancy

Any person who commits vagrancy shall be liable to a term of imprisonment of two (2) months but less than six (6) months and a fine of ten thousand (10,000) to one hundred thousand (100,000) Rwandan francs, or one of these penalties.

Article 689: Definition of begging

Begging means behaviour of a person who is a habitual beggar.

Section 5: Vagabondage et mendicité

Article 687: Définition du vagabondage

Le vagabondage est un comportement d’une personne qui n’a pas de domicile certain et qui n’exerce habituellement ni métier, ni profession, d’une manière qui porte atteinte à l’ordre public.

Article 688: Peines pour vagabondage

Toute personne qui commet l’infraction de vagabondage est passible d’un emprisonnement de deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois et d’une amende de dix mille (10.000) à cent mille (100.000) francs rwandais ou de l’une de ces peines seulement.

Article 689 : Définition de la mendicité

La mendicité est un comportement d’une personne qui se livre habituellement à la mendicité.

Ingingo ya 690: Ibihano by'icyaha cy'ubusabirizi

Umuntu wese ukora icyaha cy'ubusabirizi ahanishwa igifungo kuva ku minsi umunani (8) ariko kitageze ku mezi atandatu (6).

Umusabirizi wese:

- 1° ukoresha ibikangisho;
- 2° winjira mu nzu ituwemo cyangwa urugo rw'iyi nzu, atabyemerewe na bene urugo;
- 3° wigira nk'urwaye cyangwa nk'ufite ubumuga;
- 4° witwaza ikindi kintu icyo ari cyo cyose cyatuma agirirwa impuhwe;

ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1).

Abasabirizi bishyize hamwe bahabwa igihano kivugwa mu gika cya kabiri cy'iyi ngingo.

Ingingo ya 691: Gukoresha, koshye, gushora no gushishikariza umwana gusabiriza

Umuntu wese ukoresha, woshya, ushura cyangwa ushishikariza umwana gusabiriza, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe

Article 690: Penalties for begging

Any person who commits begging shall be liable to a term of imprisonment of eight (8) days but less than six (6) months.

Any beggar who:

- 1° uses threats;
- 2° enters a residence or its compound without the consent of the owner;
- 3° pretends to be ill or disabled;
- 4° adopts a behaviour that reduces him/her to a pitiful state;

shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year.

A group of beggars shall be liable to the penalty under Paragraph 2 of this Article.

Article 691: Using, encouraging, taking and inciting a child to beg

Any person, who uses, encourages, takes or incites a child to beg, shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to two (2)

Article 690: Peine pour mendicité

Toute personne qui commet l'infraction de mendicité est passible d'un emprisonnement de huit (8) jours mais inférieur à six (6) mois.

Tout mendiant qui :

- 1° use des menaces ;
- 2° entre dans une résidence ou ses dépendances sans la permission des occupants de la maison ;
- 3° feint une maladie ou une infirmité ;
- 4° adopte tout autre comportement le mettant dans un état pitoyable ;

est passible d'une peine d'emprisonnement de six (6) mois à un an (1).

Les mendiants en groupe sont passibles de la peine prévue à l'alinéa 2 du présent article.

Article 691: Utilisation, entraînement, incitation et encouragement d'un enfant dans la mendicité

Toute personne qui utilise, entraîne, incite ou encourage un enfant dans la mendicité est passible d'une peine d'emprisonnement d'un

(1) kugeza ku myaka ibiri (2).

Igihe umwana wakoreshewe mu gusabiriza asanganywe ubumuga bw'umubiri cyangwa bwo mu mutwe, igifungo kiba imyaka itatu (3).

Ingingo ya 692: Urugomo rukozwe n'inzererezi cyangwa umusabirizi

Umusabirizi wese cyangwa inzererezi basangana intwara cyangwa ikindi gikoresho cyo kwibisha cyangwa gukoresha ikindi cyaha cyangwa kwinjira mu nzu cyangwa ugirira umuntu urugomo, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3), bitabangamiye ibihano birushijeho gukomera, bitewe n'ubwoko bw'urugomo n'uburyo rwakozwe.

Icyiciro cya 6: Itoroka ry'imfungwa cyangwa abagororwa

Ingingo ya 693: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko ngenga:

1° “imfungwa” bivuga umuntu wese uri muri gereza kubera icyemezo gikurikije amategeko cyafashwe n'urukiko kandi utaraburana ngo

years.

When the child used in beggary has a physical or mental disability, the term of imprisonment shall be three (3) years.

Article 692: Violence committed by a vagrant or a beggar

Any beggar or vagrant who carries a weapon or an instrument likely to commit theft or any other offence, or to facilitate entry into house, or uses violence against another person shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to three (3) years, without prejudice to severe penalties, depending on the nature and circumstances of the violence.

Section 6: Escape of detainees or prisoners

Article 693: Definitions of terms

For the purpose of the this Organic Law:

1° “A detainee” means any person imprisoned in accordance with a legal decision taken by a court but who has not been tried for a definitive

(1) an à deux (2) ans.

Lorsque l'enfant entraîné dans la mendicité souffre d'une infirmité physique ou mentale, l'emprisonnement est porté à trois (3) ans.

Article 692: Violence commise par un vagabond ou un mendiant

Tout mendiant ou vagabond qui porte une arme ou un instrument propre à commettre le vol ou une autre infraction ou à pénétrer dans une maison ou qui use de la violence envers une autre personne, est passible d'une peine d'emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans, sans préjudice aux peines plus fortes, à raison de la nature et des circonstances de la violence.

Section 6: Evasion des détenus ou des prisonniers

Article 693: Définitions des termes

Aux fins de la présente loi organique :

1° « détenu » signifie toute personne incarcérée par décision judiciaire et qui n'est pas encore jugée ni condamnée définitivement ;

akagirwe burundu;
2° “gutoroka” bivugwa kuva kw’imfungwa aho yari ifungwe mu buryo ubwo ari bwo bwose butemewe n’amategeko.

Ingingo ya 694: Gutoroka kw’imfungwa cyangwa umugororwa

Umuntu wese utoroka yari afunzwe by’agateganyo, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5).

Umuntu wese utoroka yari yarakatiwe ahanishwa igihano gikubye inshuro ebyiri igihano yari asigaje.

Ingingo ya 695: Gutoroka habanje gucibwa icyuho, gutanga ruswa cyangwa gukoresha kiboko

Umuntu wese utoroka abanje guca icyuho, gutanga ruswa cyangwa gukoresha kiboko, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n’ihazabu y’amafaranga y’u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000).

Iyo hakoreshejwe intwari iturika, ikintu

sentence;

2° “escape” means the act of a detainee, illegally leaving the detention place in a way contrary to law.

Article 694: Escape of a detainee or a prisoner

Any person who escapes from pre-trial detention shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years.

Any person who escapes while serving a sentence shall be liable to double of the penalty that remains to be served.

Article 695: Escape by breaking, corruption or violence

Any person who escapes by breaking, corruption or violence shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years and a fine of one hundred thousand (100,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs.

If a firearm, an explosive or a hypnotic

2° « évasion » signifie le fait par un détenu de se soustraire contrairement à la loi à la garde à laquelle il est soumis, et ce, de quelque manière que ce soit.

Article 694: Evasion d’un détenu ou d’un prisonnier

Toute personne qui se trouve en détention provisoire et qui s’évade est passible d’une peine d’emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans.

Toute personne qui purge une peine et qui s’évade est punie du double de la peine qui lui restait à purger.

Article 695: Evasion par effraction, corruption ou violence

Toute personne qui s’évade par effraction, corruption ou violence est passible d’une peine d’emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d’une amende de cent mille (100.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais.

Lorsqu’il a été fait usage d’une arme à feu,

giturika cyangwa igisinziriza, igihano kigezwa ku gifungo cy'imyaka cumi n'itanu (15).

Ingingo ya 696: Gufasha imfungwa cyangwa umugororwa gutoroka

Umuntu wese ufasha mu buryo ubwo ari bwo bwose imfungwa cyangwa umugororwa gutoroka, ahanishwa igifungo kuva ku myaka itatu (3) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000).

Ingingo ya 697: Gufasha gutoroka imfungwa cyangwa umugororwa bikoze n'ushinzwe kubacunga

Umuntu wese, ushinzwe gucunga imfungwa cyangwa umugororwa, akamufasha gutoroka cyangwa akamufasha mu myiteguro yo gutoroka n'iyoyaba yakoresheje kwifata ntagire icyo akora, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000).

substance is used, the penalty shall be increased to a term of imprisonment of fifteen (15) years.

Article 696: Aiding a detainee or a prisoner to escape

Any person who, in any way, aids a detainee or a prisoner to escape, shall be liable to a term of imprisonment of three (3) years to five (5) years and a fine of one hundred thousand (100,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs.

Article 697: Aiding the escape of a detainee or a prisoner by a guard

Any guard who aids an escape or preparation for a detainee or a prisoner to escape or fails to prevent it shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years and a fine of one hundred thousand (100,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs.

d'un explosif ou d'une substance hypnotique, la peine est portée à un emprisonnement de quinze (15) ans.

Article 696: Aider un détenu ou un prisonnier à s'évader

Toute personne qui procure à un détenu ou à un prisonnier tout moyen de s'évader est passible d'une peine d'emprisonnement de trois (3) ans à cinq (5) ans et d'une amende de cent mille (100.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais.

Article 697: Evasion d'un détenu ou d'un prisonnier avec l'aide d'un surveillant

Toute personne chargée de la surveillance d'un détenu ou d'un prisonnier, qui facilite son évasion ou l'aide dans les préparatifs de l'évasion même par l'omission de le prévenir est passible d'une peine d'emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d'une amende de cent mille (100.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais.

Icyiciro cya 7: Uburengambibi

Ingingo ya 698: Igihano ku cyaha cy'uburengambibi

Uwakatiwe utumvira itegeko ryo kuba cyangwa kutaba ahantu hateganyijwe kuva ku ngingo ya 54 kugeza ku ya 57 z'iri tegeko ngenga, aba akoze icyaha cy'uburengambibi kandi ahanishwa igifungo kingana nibura n'igihe yari asigaje kugira ngo arangize igihano. Icyo gifungo ntikirenga inshuro ebyiri (2) z'icyo gihe asigaje.

UMUTWE WA V: IBYAHA BIKORWA MU RWEGO RW'ITANGAZAMAKURU

Ingingo ya 699: Igisobanuro cy'icyaha gikoze mu rwego rw'itangazamakuru

Icyaha gikoze mu rwego rw'itangazamakuru ni igikorwa icyo ari cyo cyose kitubahirije amategeko gikorwa hifashishijwe ibitangazamakuru byandika, itangazamakuru rikoresha amajwi cyangwa amajwi n'amashusho n'itangazamakuru rikoresha ikoranabuhanga mu itumanaho cyangwa interineti.

Section 7: Breach of a restriction

Article 698: Penalty for breach of a restriction

A convicted person who breaches obligations under Articles 54 to 57 of this Organic Law commits breach of a restriction and shall be liable to a term of imprisonment of a period not less than the remaining period of the sentence and not more than double of the remaining period.

CHAPTER V: PRESS OFFENCES

Article 699: Definition of press offence

A press offence means any illegal act committed by a print, audio or audiovisual media or media using Information, Communication Technology or internet.

Section 7: Rupture de ban

Article 698: Peine pour rupture de ban

Le condamné qui contrevient à l'obligation de séjour ou à l'interdiction de séjour prévues aux articles 54 à 57 de la présente loi organique est coupable de rupture de ban et est passible d'une peine d'emprisonnement d'une durée au moins égale au délai qui restait pour purger sa peine et ne pouvant pas excéder le double du délai restant.

CHAPITRE V: INFRACTIONS DE PRESSE

Article 699: Définition d'une infraction de presse

Une infraction de presse est tout acte illégal commis à l'aide de la publication des médias écrits, des médias audio ou audiovisuels, les médias utilisant les technologies de l'information et de la communication ou l'internet.

Ingingo va 700: Ibihano bihabwa utubahiriza ibisabwa mu gutangiza igitangazamakuru

Umuntu wese cyangwa umuryango utangiza ikinyamakuru mu buryo bunyuranyije n'itegeko, ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000).

Urukiko rubifitiye ububasha rutegeka ko icyo kinyamakuru gihagarikwa kugeza habonetse uburenganzira bwo kugitangiza mu buryo bwemewe n'amategeko.

Umuntu wese cyangwa umuryango utangije ikigo cy'Itangazamakuru rikoresha amajwi cyangwa amajwi n'amashusho mu buryo bunyuranyije n'itegeko ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000).

Urukiko rubifitiye ububasha rutegeka ko icyo kigo gihagarikwa kugeza igihe kibonye uburenganzira bwo gukora bwemewe n'amategeko.

Iyo habaye isubiracyaha ku byaha bivugwa mu gika cya mbere n'icya 3 by'iyi ngingo, urukiko rushobora kwambura burundu

Article 700: Penalties for not complying with the requirements of starting a media

Any person or organisation that starts a newspaper illegally shall be liable to a fine of one hundred thousand (100,000) to five hundred thousand (500,000) Rwandan francs.

The competent Court shall order the suspension of the newspaper until official authorization is granted.

Any person or organisation that illegally starts an audio or audiovisual press enterprise shall be liable to a fine of five hundred thousand (500,000) to one million (1.000.000) Rwandan francs.

The competent Court shall order the suspension of such press enterprise until official authorization is granted.

In case of recidivism of offences under Paragraphs One and 3, the Court may withdraw permanently the authorization to

Article 700: Peines pour le non respect des conditions exigées pour lancer un organe de media

Toute personne ou organisation qui lance un journal en violation des dispositions légales, est passible d'une amende de cent mille (100.000) à cinq cent mille (500.000) francs rwandais.

La juridiction compétente donne l'ordre de suspendre ce journal jusqu'à l'obtention de l'autorisation officielle.

Toute personne ou organisation qui lance une entreprise de médias audios ou audiovisuels en violation des dispositions légales est passible d'une amende de cinq cent mille (500.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais.

La juridiction compétente donne l'ordre de suspendre une telle entreprise de médias jusqu'à l'obtention de l'autorisation officielle.

En cas de récidive pour les infractions visées aux alinéas premier et 3 du présent article, la juridiction peut retirer définitivement le droit

uwakoze icyaha uburenganzira bwo gushinga ikinyamakuru cyangwa ikigo cy'Itangazamakuru.

Ingingo ya 701: Igihano gihabwa uwanze guhitisha ikosora, isubiza cyangwa igorora mu kinyamakuru

Umunyamakuru wese wanga guhitisha mu kinyamakuru ikosora, isubiza cyangwa igorora, ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza ku bihumbi magana atatu (300.000).

Ingingo ya 702: Igihano gihabwa uwanze guhitisha ikosora, isubiza cyangwa igorora mu gitangazamakuru gikoresha amajwi cyangwa amajwi n'amashusho

Umunyamakuru wese wanga guhitisha mu gitangazamakuru gikoresha amajwi cyangwa amajwi n'amashusho ikosora, isubiza cyangwa igorora, ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atatu (300.000) kugeza ku bihumbi magana atandatu (600.000).

establish a press newspaper or a press enterprise.

Article 701: Penalty for refusing to publish a correction, a reply or a rectification in a newspaper

